# We Kwishingikiriza Ku Bwenge Bwawe

Phoenix, Arizona, USA

20 Mutarama 1965

1 Tugume duhagaze akanya, dusenga. Ni bangahe bafite icyifuzo mu mitima yabo, mwaba mwifuza ko Imana igira ikintu cyihariye ibakorera muri iki giterane? Noneho twubike imitwe imbere Ye.

Dawe uri mu Ijuru, turi abantu baze amahirwe yo kuba duteraniye hano mu Izina ry'Umwami Yesu, mu gihugu gifite umudendezo, aho, kugeza ubu, dushobora kukuramya nk'uko umutimanama wacu utubwira. Kandi dusabye, Dawe, ngo bizakomeze kumera bitya. Rero, tubashe kudapfusha ubusa aya mahirwe akomeye dufite. Tubashe kwegurira umutima yacu yose amateraniro y'uyu mugoroba, tukuramya, kugira ngo tubashe kuvuga ko «Imana yari hagati muri yu mugoroba, ko Yahaye ubwoko Bwayo umugisha». Kiza muri uyu mugoroba ubugingo bwazimiye bwose, Mwami. Kandi abasubiye inyuma bose, babashe kugaruka mu inzu y'Uwiteka. Nsabye ko abarwayi bose bakira, ko ibirema bigenda, ko impumyi zibona, ko ibipfamatwi byumva, ko ibisingizo n'ikuzo biba ibya Yesu Kirisito abihawe n'ubwoko Bwe. Bizabe urwibutso ruhoraho mu mitima yacu, Mwami, kuko twateraniye kandi tugasabira iyi migisha mu Izina rya Yesu. Amen.

Mushobora kwicara.

2 Ku mpamvu iyo ari yo yose, igo ngeze ku icumbi ryitwa Ramada, mu ruhande rumwe, ni nk'aho ntashye iwanjye, kuko nahaje kenshi cyane ku buryo nkeka ko bagomba kuba mu by'ukuri batangiye kumenya. Ndabishimira cyane kuko nasanze abantu beza cyane muri ayo macumbi yitwa Ramada. Iry'i Tucson n'iringiri, abantu baho batubereye abagwaneza mu by'ukuri, batwemerera gukora aya materaniro. Vuba aha, nakoreye amateraniro mu icumbi rya Ramada, ariko umucunga mutungo ntiyemera ko nishyura ubukode bw'icyumba. Mu by'ukuri yambereye imfura. Ndabyibuka iyo nkora ingendo mu bihugu binyuranye, nibuka abantu beza bita ku bana b'Imana.

3 Rero, uhereye ku gicamunsi cy'icyumweru gishize, twagize ibihe by'umugisha mu Mwami, sinzi nk'abandi, ariko ku bwanjye, byari igitangaza. Nagize ibihe bihebuje, nezererwa imigsha Ye, mu busabane bwa Mwuka Wera n'abana Be.

Nkunda kubona, ishusho yacu twese hamwe,turamya Imana. Uba uri urugingo rw'Imana, iyo ubaye umuhungu cyangwa umukobwa b'Imana. Kandi Imana iri muri wowe, Ishaka gusohoza ubushake Bwayo, upfa kuba uyibererekeye ngo Ikore.

Rero, twiringiye, uyu mugoroba, ko buri muntu ari bwibagirwe ibintu yahuye na byo muri iyi minsi ishize, tukabishyira byose i ruhande, kugira ngo dushyire imitima yacu mu materaniro; atari iby'uyu mugoroba gusa, ah'ubwo ari iby'igiterane kigiye gukurikiraho. Ntagushidikanya ko intumwa nyinshi ziteraniye hano. Ni koko, ndabona abantu barenze abasanzwe hano ku gicaniro uyu mugoroba, duteraniye kwitegura igiterane kizatangira ejo. Rero, nasabaga ababeshejwe hano n'amateraniro y'ububyutse dushoje, niba mubishoboye, musigare kubera igiterane. Hazaba ababwirizabutumwa beza cyane kuri gahunda. Hari mwne Data umwe utashoboye kuza, ariko hari benshi babonetse bo kumusimbura. Jyewe ubwanjye, nzaba mpari mu giterane cyose, ngo nishimire ubusabane bwa bene Data.

4 Murabizi, tuza ku gicaniro, twebwe ababwirizabutumwa, tukabwiriza, duhora dutanga ikiturimo cyose. Nigeze kubwiriza ku cyo Yesu yigeze kuvuga ati: “Mwitegereze ururabo rw'umwangange, ntirukora habe no kuboha imyenda; nyamara ndabamenyesha ko Salomo, mu bwiza bwe bwose, atigeze aberwa nka rwo.” Kandi mbona ko umwangange ugomba gukura amanywa n'ijoro, kuboha, gukora, kugira ngo urabagirane. Ariko nta mugisha na muke wivaniramo ubwawo. Uribumbura, maze umugenzi agahumeka impumuro yawo. Uruyuki rujya gutara ubuki wifitemo. Icyo waruhiye cyose, uragitanga. Kandi ni wo mutwe nahaye ubutumwa bwanjye: Nyakubahwa reverandi Mwangange, rero, ni umutwe udasobanutse.

Ariko ni ibyo, ababwirizabutumwa biha abantu, kandi rero, ni byiza kwicara ugatega abandi amatwi. Ni nko kota umuriro, dukunda kwicara mu mucyo w'urumuri rwa bamwe ku bandi, maze tugasusurutswa umutima n'Ubutumwa Bwiza bene Data babwiriza abantu, kandi ndashima kuba nabonye uburyo bwo kubikora. Kandi noneho, ndizera ko uyu mugoroba…

5 Billy yambwiye ko yari yatanze udukarita two gusengerwa, utwo yari afite twose. Ntitwajyaga gushobora kunyuza umurongo w'abasengerwa ku gicaniro, n'iyo byaba ngombwa. Murabona, byari ngombwa ko musohoka muzigura hariya, mwambukiranya inzira icuze umwijima, maze mukagera hano. Mwajyaga gutsitara ku bintu by'uburyo bwose kugira ngo mugere hano. Abababaye n'abamugaye bakaguwe nabi, no kuzigura. 10. Ariko ntituzi icyo Umwami wacu yagashoboye gukora. Byashoboka nk'aho tuvugiye aha ko Amanukira hagati muri twe, uyu mugoroba, maze Agakiza abari hano bose, uburwayi ubwo ari bwo bwose. Yoo, nakwifuje kubona ibi bikandutira imirongo yo gusengerwa yose nakoze mu buzima bwanjye, mbese kubona ubwigenge bw'Imana bumanukira hagati y'abana Bayo bayumvira... Ni byo nkunda, ibihe byose.

6 Muri rusange, iyo wibonaniye n'abantu, urugero, ukabarambikaho ibiganza, birashoboka, sintekereza

ko hari abakabayeho igihe cyose abakabikoze, - mu by'ukuri, bavuge bati: "Umubwirizabutumwa runaka yandambitseho ibiganza, kandi, Imana ihabwe icyubahiro!" Iyo ibyo bibaye, abantu bahanga amaso uriya mubwirizabutumwa.

Ariko iyo aba twashoboraga guhagarara hano, tukabwiriza Ijambo, maze tukareka Mwuka Wera agakiza buri wese, rero nta kabuza, ni ubuntu bw'Imana, nta kindi. Maze rero, Imana ibiherwa ibisingizo byose, ikuzo ryose, yonyine. Ni uko, mu murimo nkora, ntabasha kugera ku bantu benshi, keretse… Ejo nimugoroba, twagerageje gusengera abantu benshi bashoboka. Ariko ku bijyanye no kurambika abantu ho ibiganza.

7 Muri rusange, bishobora kuba ari nimugoroba aho Mwuka Wera yagashoboye kuza hagati muri twe, maze Agatangira kwigaragaza, kwihishura hagati muri twe. Kandi, ni uko, ntekereza, ko ari iby'ukuri, iyo Ashobora, abe ari ko tuvuga, gukorera mu bwigenge, murabona. Jyewe sinshobora kuvuga nti: "Uyu mugabo, cyangwa uyu mugore, cyangwa uriya mwana", murabona. Ni Mwuka Wera ugendagenda mu cyumba, Unavugisha uwo ashaka kuvugisha. Murabona, ibyo, ni ubwigenge. Kandi rero, ni uko kumenya biza, kuko ari isezerano ry'Imana, kandi ni uko kumenya Imana biza, mu bwigenge Bwayo, maze Ubwiza Bwayo na bwo bukamanuka hagati muri twe. Twakagombye kubibona hanyuma tukanezerwa!

Muvuga muti: "Mu by'ukuri, narimugaye ikiganza. Nari hano ejo nimugoroba. Sindoroherwa." Ntaho bihuriye na hato. Ku bwanyu, byamaze kurangira. Ntuba ukireba ikiganza cyawe icyo gihe, utumbira isezerano, urabona. Ku bw'ibyo, ntushobora kuvuga uti: "Mu by'ukuri, Mwene Data Runaka, ntiyasenze isengesho ryo kwizera, cyangwa uyu muntu cyangwa uriya." Ni Ubwiza bw'Uwiteka bwaguhaye ukwizera, urabona, maze Yohereza Ijambo Rye hanyuma Rirabakiza.

8 Noneho, ejo nimugoroba, nongeye kutubahiriza isezerano ryanjye. Ngiye, mu by'ukuri, kugerageza kuryubahiriza muri uyu mugoroba, nibinshobokera. Hari uwavuze ati: "Ntiwubahirije umutwe w'icyigisho cyawe, ejo nimugoroba." Oya, sinacyubahirije, kubera ko, ngiye kubabwira impamvu. Nari ngendereye kubwiriza ku mutwe, sincyibuka neza uwo ari wo ubu; "Imana ikungahaye ku mpuhwe."

Maze ntangira kugerageza gusobanura icyo Pawulo yari yaravuze hariya, ubwo yavugaga ati: "Twebwe, abari barishwe n'ibyaha n'ibicumuro byacu; Imana yaratuzuye." Murabona, mbere y'uko haba ikintu kizurwa, hagomba kubaho ikikizura. Ni byo.

9 Rero, urabona, niba wari uri mu bitekerezo by'Imana, ugomba kuba urugingo rw'Imana. Kandi uburyo bumwe bwo kuba umuhungu w'Imana cyangwa umukobwa w'Imana, ni uko ugomba kuba urugingo rw'Imana, kandi Imana ntiba yuzuye Itagufite. Nta kabuza. Ni byo, kuko hariho isoko imwe rukumbi y'Ubugingo Buhoraho, na yo ikaba ari Imana, kandi ni Yo yonyine ifite Ubugingo Buhoraho. Urabona, rero, wari urugingo Rwayo, kuko wari mu bitekerezo Byayo mu ntangiriro. Kandi ni yo mpamvu, kuko Yagutekerezagaho mu ntangiriro, mugakururwa na Yo. Ni icyo kigomba kuzurwa. Abantu bamwe ntibateze kuzazurwa; ntakibarimo gusa, nta kindi.

Ni nk'uko waba uri intete y'ikigori mu butaka. N'ubwo isa neza inyuma ite, niba itifitemo akabuto k'ubuzima, ntiteze kuzashobora kwakira ubuzima. Ah'ubwo akabuto k'ubuzima kagomba kubanza kuhaba.

10 Maze mfata ya nkuru y'ikizu, cyagendanaga n'inkoko n'imishwi, kuko cyari cyaraturazwe kandi kikavukira hariya, ariko nticyari cyarigeze cyiyumvamo ko cyaba umushwi. Hanyuma, murabizi, ubwo nyina yanyuraga hafi aho hanyuma igahamagara, cyumvise ijwi rikigwa neza cyane, kuko, mwibuke, cyari ikizu uhereye mu ntangiriro. Nta kindi cyagombaga gukora usibye gusubira mu mwanya wacyo.

Kandi ni nk'uko kuri buri mwizera. Ntiwavukiye kuba uw'iyi si. Waremwe mu ishusho ry'Imana, ngo ube umwana w'Imana. Kandi nturi mu mwanya wawe muri iki cyanya cy'inkoko. Uri ikizu. Urabizi, nateruye kuvuga kuri kiriya «kizu», Kandi sinabashaga kugaruka ku isi, rero nabwirije igihe kirekire cyane, maze nibagirwa umutwe w'icyigisho cyanjye, ntakaza amasomo yanjye n'ibindi. Cyari ikintu, mu by'ukuri, gifite ireme, ibihe nahagiriye. Ariko ni ibyo byahabaye, kwari ukuvuga kuri icyo «kizu».

11 Noneho, kiriya Kizu, ni Imana! Murabizi, Imana yita abahanuzi Bayo ibizu. Nayo ubwayo, Yiyita Ikizu; ni Ikizu Yehova, Papa Kizu.

Kandi Yiha iryo zina; ni uko Ikizu gishobora gutumbagira kurenza izindi nyoni zose, kandi kuko iteye muburyo bunyuranye n'ubw'izindi nyoni zose. Rero, ntiyubaka icyari ku butaka, nk'inkoko n'ibindi, ah'ubwo itumbagira mu mpinga z'imisozi miremire, akaba ari ho cyarika.

Ikindi kandi: ni igisiga giteye uburyo bwihariye. Rero, iyo ruhitamo cyangwa igikona, cyangwa inkongoro cyangwa ikindi gisiga cyose, kigerageje kugikurikira mu birere, kirapfuragurika, kuko atari cyo cyaremewe. Ugomba kuba uri umuntu udasanzwe kugira ngo uzamuke hariya hejuru. Amababa yayo aba ashimangiye cyane kurusha ay'izindi nyoni zose.

Kandi ijisho ryacyo rihinguranya kurusha ay'izindi nyoni zose. Kandi uko kirushaho gutumbagira mu kirere, ni ko kirushaho kubona neza ibiri kure. Mu by'ukuri, inyoni zimwe, iyo zigeze mu birere, aho

zakagombye kuba, ntiziba zikibona neza. Rero,

Ariko, ibizu bishobora gutumbagira bikarenga ibicu. Bimaze iki, gutumbagira hariya hose utari bubashe kubona?

Yoo, nejejwe cyane no kuba umwe muri bo, no gusabana n'ibizu byuzuye icyari.

12 Dufate mu Isezerano rya kera, igitabo cy'Imigani, cyanditswe na Salomon, umwe mu b'anyabwenge b'ikirenga bo muri iyi si, nyuma y'umwami wacu Yesu. Ariko We ntiyarahwanye na Salomo, kuko Salomo we yabyawe n'umugore kandi akagira se w'umuntu, Dawidi. Ariko Yesu yari Umwana wabyawe n'umwari, kandi ntabwo Yari umuntu usanzwe, Yari Imana, Umuntu-Mana, Yari arenze kuba umuntu, Yari hejuru y'umuntu. Murabona? Ariko Salomo we yari umuntu nka we na njye, gusa, yasabye ubwenge bwo kuyobora ubwami bwe. Yari afite impano y'ubwenge, umuntu uhebuje abandi ubuhanga twigeze kumenya, nyuma y'Umwami wacu. Yanditse imigani, kandi nsanga ari myiza mu by'ukuri.

Noneho, dufate igitabo cy'imigani igice cya 1. Nimumbabarire.

Ni Imigani 3:1. Nimumbabarire. Ndebye mu gitabo cyanjye nsanga ari Imigani 3 aho kuba 1 cyangwa 2. Nimumbabarire. Imigani 3: 1.

> *Mwana wanjye, ntukibagirwe ibyigisho byanjye, ah'ubwo umutima wawe ukomeze amategeko Yanjye,*
>
> *Kuko bizakungukira imyaka myinshi y'ubugingo bwawe, ukazarama ndetse ukagira n'amahoro.*
>
> *Ntukitandukanye n'ukuri, ukwambare mu ijosi, ukwandike ku inking z'umutima wawe.*
>
> *Ni bwo uzagira umugisha n'ubwenge nyakuri, mu maso y'Imana n'abantu.*
>
> *Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe*
>
> *Uhore umwemera mu migendere yawe yose, na We azajya akuyobora inzira unyuramo.*

Yoo, nsanze mu by'ukuri ari yo mirongo ihebuje indi yose ubwiza! Noneho nifuzaga gufata umutwe w'ikibwiriza, wakuwe mu murongo

wa 5: @@We kwishingikiriza ku bwenge bwawe.

13 Nyamara, uyu ni umutwe udahuye n'igihe turimo, kuko ubu ari nta kabuza ko dushyira imbaraga zose ku mashuli, no ku buhanga tugira bw'ibintu, muri iki gihe cy'ubumenyi. Ah'ubwo tubona ko iri Jambo ritajyanye n'igihe, kimwe n'indi mirongo y'Ibyanditswe, rifite umwanya Waryo, kandi twiringiye Imana ko Izatwereka umwanya Waryo uwo ari wo.

Ubu, twohereza abana bacu ku ishuli, kugira ngo bakire ubuhanga bw'ibintu. Amashuli abanza arangiye, tubohereza mu mashuli yisumbuye, kugira ngo bagire ubumenyi bw'ibintu buruseho. Kandi iyo ayo mashuli yisumbuye arangiye, abana bamwe bagira amahirwe yo kujya mu mashuli kaminuza, kugira ngo banoze ubumenyi bwabo. Ni cyo tubasaba… Akenshi, kugira ngo tubone akazi, tugomba kuba nibura twararangije amashuli yisumbuye cyangwa ya kaminuza, n'ibindi.

14 Nyamara, umunyabwenge Salomo yatubwiye "kutiringira ubwenge bwacu; ntimuzemere amabwiriza yanyu ya biriya bintu". Ni uko, twibaza impamvu yakavuze ikintu nk'icyo, ni uko, ubuhanga bw'iki gihe buhwanye muri rusange n'ubwenge bwa kimuntu, bukaba buhabanye n'Ijambo ry'Imana. Ntekereza ko inama Salomo yageragezaga guha abana be, atari iyo kutiga, ah'ubwo iyo kutiringira ubuhanga bwabo.

Kandi nsanga ko byaba ari impuguro nziza none, kubwira abana bacu ndetse n'ab'Imana ko ari nta kibazo gitewe no kwiga, nta na gito; ariko iyo izo nyigisho zihabanye n'Ijambo ry'Imana, rero ishingikirize ku Ijambo maze urekure amashuri yawe, urabona, ku bw'Ijambo. Amashuri azagufasha, azaguhesha akazi keza, ushobora kuzabonekera neza abize, ariko, nta cyo bitwaye, bishobora kuzagufasha cyane, bizagufasha mu bigendanye n'ifaranga no mu buryo bw'imibereho, ushobora kuba wagira imibereho ijya kurushaho kuba myiza kubera wowe.

15 Ariko wibuke ikintu kimwe, mwana wanjye, ugomba kuzapfa. Uko waba warize kose, ubumenyi washoboye kubona bwose, ugomba uko biri kose, guhangara urupfu, kuko handitswe ko "umuntu agomba gupfa, nyuma ya ho hakaza urubanza". Urupfu, ntiruteye ubwoba, ah'ubwo guca mu rubanza, ni cyo giteye ubwoba. Ushobora gupfa, nyuma ya ho, "hakaza urubanza". Kandi Imana ntizakubaza umubare w'amashuri wize, ubwo wari ukiri ku isi, ingano y'ubumenyi ufite, niba warabonye impamyabumenyi ihanitse mu ndimi, cyangwa impamyabumenyi washoboye kubona, kabone n'ubwo waba uri umubwirizabutumwa. Si cyo Imana izashingiraho ikubaza icyo ari cyo cyose.

Ah'ubwo Izagira icyo Ikubaza ishingiye ku cyo wamajije icyo wari usobanukiwe mu Ijambo ry'Imana.

Ni icyo kizaba gisabwa. Mu by'ukuri, amashuri yawe, ni meza, ariko Ijambo ry'Imana, ni Ubugingo. "Ijambo ryanjye ni Ubugingo", kurimenya, ni Ubugingo. Maze Avuga ati: "Kumumenya, We." Ni We Jambo. Rero, ntushobora kugira ahandi umumenyera usibye mu Ijambo, kuko Ubwe Ari Ijambo. Kandi ni bwo buryo bumwe rukumbi mufite bwo kumumenya, ni mu Ijambo Rye.

16 Hari uwashobora kuza hariya maze akavuga ati: "Iki, ni Imana", cyangwa, "icyo, ni Imana," cyangwa "iki ni Imana," cyangwa "iki, ni cyo," n' "icyo, ni cyo", ah'ubwo tugaruke ku Ijambo, Ryo Kuri.

Ijambo, neza na neza, ni nk'inyenyeri Muhabura (etoile Polaire), ni inyenyeri nyakuri. Aho isi yahengamira hose izenguruka, inyenyeri Muhabura ikomeza kumurika ahantu hamwe ku isi. Uboneza muhabura (boussole) yawe ku nyenyeri Muhabura. Iyi ihora hagati ugereranije n'isi. Izindi nyenyeri zigendana n'isi, na ho inyenyeri Muhabura ikaguma hamwe.

Nyamara, muhabura, ni Mwuka Wera, icyo utumbira, cyakagombye kuba inyenyeri Muhabura; rero, Mwuka Wera azahora akwerekeza ku Ijambo. Mwuka Wera ntazigera agira ahandi akwerekeza usibye ku Ijambo ry'Imana. None, byashoboka bite ko umuntu yakira amahame, mu gihe bihabanye n'Ijambo, hanyuma agakomeza kuvuga ko afite Mwuka Wera? Mwuka Wera yakuyobora mu cyerekezo gihabanye na kiriya. Hakwiye Mwuka Wera, ngo We akuyobore ku Ijambo, kuko Ari Ijambo. We ni Ijambo, kandi Ashobora gusa… Nk'uko urushinge rurimo rukuruzi rwa muhabura rushobora kwerekeza mu Majyaruguru y'isi gusa, kandi, nk'uko Mwuka Wera ari We Mwanditsi w'Ijambo, akaba ari We waryanditse kandi akaba ari We uriha ubuzima, byashoboka bite ko Ayobora umuntu ku kindi kintu kitari Ijambo?

17 Rero, iyo hari uvuga ko afite Mwuka Wera, hanyuma akemera ikindi gihabanye n'Ijambo, dushobora kubona ko atari Mwuka Wera nyakuri afite. Murabona? Byashoboka ko uba umwuka, simbihakanye, ariko si Mwuka Wera wa Kirisito. Noneho, murabizi, akenshi, abantu bagenda bafata imyuka y'abandi; kandi rero, hamwe n'ibyo, bashobora kuyoborwa, itsinda ry'abantu, ku kintu kimwe, ariko ntibazayoborwa kuri Kirisito. Ariko Mwuka Wera We, ibihe byose Ayobora kuri Kirisito, kandi Kirisito ni Ijambo.

Ni byo tubona mu buryo busobanutse cyane muri Bibiliya. Hanyuma, jye ndabibona. Byashoboka ko nibeshya, ariko, mu buryo bwanjye bwo kubona ibintu, ariko sintekereza, kubera ibi: «We kwishingikiriza ku buhanga bwawe.» Niwishingikiriza ku buhanga bwawe, rero, nta kabuza uzayoba. Ntushobora kwishingikiriza ku buhanga bw'undi muntu wese, iyo ari ibirebana n'Ubugingo, kugira ngo ubone Ubugingo, ugomba kwishingikiriza ku Ijambo. Ni Ryo Bugingo.

18 Ni byo tubona, uhereye mu ntangiriro. Tubona mu buryo busobanutse cyane, uhereye mu ntangiriro, ko Imana yahaye, umuryango Wayo wa mbere ku isi, Ijambo Ryayo, kugira ngo babeshweho na Ryo. Bagombaga kubeshwaho gusa n'Ijambo ry'Imana. Si ibyo kurya bisanzwe byagombaga kubabeshaho, ah'ubwo ni Ijambo ry'Imana ryagombaga kubabeshaho, Iteka ryose. Kandi, uko babaga abizerwa ku Ijambo, babagaho by'Iteka. Ariko uhereye aho interuro ntoya imwe y'iri Jambo igorekewe, gahunda yose yaroramye, maze inyoko muntu irundumukira mu rupfu. Murabona? Noneho, twitegereze.

Eva, ntidushidikanya ko yari umuntu w'umunyabwenge; uwa mbere, waturutse, bitaziguye, kuri Adamu, wari umwana w'Imana. Kandi Eva, ntibishidikanywa ko, nk'uko yari ari muri kiriya gihagararo, ahatabaga icyaha, nta mwanya n'umwe w'icyaha, nta kabuza ko yagombaga kuba yari afite imyumvire idasanzwe y'icyo Imana yari cyo. Mu by'ukuri, buri mugoroba, we n'umugabo we batemberaga mu mafu y'ingobyi, kandi bakavugana n'Imana, imbonankubone. Ntibyumvikana, ukuntu umuntu wagendanaga n'Imana, imbonankubone, buri munsi, atera Imana umugongo, agahindukirira ibitekerezo, ikintu cyamuteye gutekereza kikamukura mu Ijambo ry'Imana!

19 Ni byo dufite, na buhe n'ubu. Igitekerezo kimwe gishobora byoroshye kubakura mu Ijambo ry'Imana, nyuma yo kuba mu Bwiza bw'Imana. Babona Ijambo ry'Imana ribwirizwa, Ijambo ry'Imana rigaragazwa, abasinzi n'abanyabyaha baza ku gicaniro bakihana, bagahinduka ibyaremwe bishya muri Kirisito, abantu b'ubuzima bubi bahinduka abategarugori n'abagabo biyubashye, maze, bagatera umugongo icyo Kintu cy'umugisha cyabagejeje muri buriya Bugingo, hanyuma bakicurika bishingikiriza ku mahame runaka, kugira ngo barusheho kwamamara cyangwa ngo bibonere umwanya mu cyo bita uruhando ruhebuje rw'abantu.

Turebe, muri mu ruhando rw'abantu ruhebuje rushoboka: abahungu n'abakobwa b'Imana. Mu by'ukuri, jyewe, nahitamo kuba umwe mu bagize ririya tsinda nkarirutisha iry'abami bose n'ibikomerezwa byose, n'ibindi. Ku bwanjye, nta cyanganira iri tsinda ry'abantu baciye bugufi, kabone n'ubwo baba batazi gutandukanya indyo n'imoso! Kuba bazi Imana, bakaba bayikunda banayikorera, ku bwanjye, ni bo birangirire by'Ijuru. Yego muvandimwe!

20 Ariko tubona ko Eva yorohereje Satani kumwemeza no kumukura mu Ijambo ry'Imana, maze yishingikiriza ku bwenge bwe; mu by'ukuri, hari icyo Satani yari yamweretse kidahuye n'icyo yari asobanukiwe by'ukuri ku Mana, ah'ubwo hari ikindi umwanzi, Satani, yamubwiye, maze aracyizera.

None turabona umusaruro. Byagushije inyoko muntu yose mu rupfu, kuko nyina w'abantu wa mbere

mu isi yishingikirije ku bwenge bwe, ikintu kimwe gihabanye n'Ijambo ry'Imana, maze yoreka inyoko muntu yose mu rupfu. Noneho, murabyizera? [Iteraniro riti: «Amen.»-Umwanditsi.] Ni Ijambo.

Ishusho ry'itorero, muri Bibiliya, ni umugore. N'ubu idini rishobora urutonde rw'amahame, ntibiribuze gutandukanya n'Imana iteraniro ryose. Abo bantu, bayoboka ibyo mu cyimbo cy'Ijambo ry'Imana, neza na neza, bahwanye na Eva. Kandi ni byo byakozwe, incuro nyinshi, ku buryo iki gisekuru cyose cyoramiye kure y'Ijambo ry'Imana.

21 Iyo Ijambo ry'Imana rigaragajwe. Ijambo rikaba rihishuwe, ntibashaka kuryakira, kuko bishingikirije ku bwenge bwabo. «Uru rusengero rwubatswe hano. Ni inyubako ihebuje. Ni idini rikomeye. Ribarizwa mu mpuzamadini ikomeye. Ni kuki tutakagombye kuba bamwe mu barigize? Ngiye kuryishingikirizaho.» We kwishingikiriza ku bwenge bwawe, ah'ubwo wishingikirize ku Ijambo ry'Uwiteka!

Rero, ishyerezo, inyoko muntu yose, yisanze mu rupfu, nk'uko nabivugaga; ni ikintu kimwe noneho, kuri benshi bishingikirije ku bwenge bwabo, ku mahame yabo, n'ibindi, bavuga ko «Ijambo ry'Imana atari ukuri ryose, ko igice gihumekewe, ikindi kikaba kidahumekewe.» Byashoboka bite ko wizera Bibiliya ifite igice kimwe gihumekewe, ikindi kidahumekewe? Niba interuro imwe ari ikinyoma, rero, icyo kintu cyose cyakagombye kuba ari ikinyoma. Rikwiye ryose kuba ukuri, ukuri kudakuka.

22 Kandi zimwe muri izo ngirwamashuri ya Bibiliya, zicuramye, zigisha ubumenyi bwa kimuntu, bakarundanya, aho bateranira mu nama, maze bakavuga bati: «Noneho, mutege amatwi, iminsi y'ibitangaza yarangiranye n'igihe cy'intumwa.» Kandi abantu benshi, bari munsi y'umwepisikopi, cyangwa munsi y'inzego, bazicara hariya, maze bazavuge bati: «Mu by'ukuri, iyo mba byonyine nashoboraga kumvikana na we, nta gushidikanya, byashoboka ko nazamusimbura.» murabona, icyo gihe, muba mwishingikirije ku bwenge bwanyu, aho kwemera Ijambo ry'Imana. Ni yo mpamvu y'ibyo bintu.

23 Hashize igihe gito… Nari mfite ikibazo kirebana n'umusoro. Kandi bambwiraga bati: «Ariko, abayobozi banyu bameze nk'udukinisho, ni ko mbyumva.»

Mvuga nti: «Iyo mba nari mfite mu nama umuyobozi utavuga rumwe n'abasigaye, kandi akaba adahaguruka (atitaye k'uvuga ku nsanganyamatsiko wese) ngo agaragaze icyo abivugaho, namusezerera mu nama.» Yego muvandimwe. N'ubwo byaba bidahuye n'icyo jyewe, nemera, nifuzaga ko agaragaza icyo we atekereza ko ari icy'ukuri. Ni yo mpamvu namushyize hariya, kugira ngo mbone ico azabivugaho. Ah'ubwo ni byo mbona iwacu.

24 Mwitegereze, Yesu yavuze muri Yohana 10 ati: «Intama Zanjye zizi ijwi Ryanjye.» Ijwi, nta gushidikanya, ni Ijwi Ryayo, iyo Ivuze. «Intama Zanjye zizi Ijwi Ryanjye. Zifite gihamya ko Ijwi Ryanjye ari iry'ukuri. Ryarahamirijwe, ko ari Ijwi Ryanjye.» Noneho, mwitegereze, ntizishobora gukurikira irindi jwi na rimwe. Ntiziteze kubikora. «Intama Zanjye zizi Ijwi Ryanjye, kandi ntizizakurikira umunyamahanga.» Mu yandi magambo, ntizizasobanukirwa ijwi rya tewolojiya ritanga inyigisho zihabanye n'Ijambo. Intama ntizisobanukirwa ibyo, nk'uko ikizu cy'ejo kitasobanukirwaga imivugire y'inkoko, ntizigisobanukirwa kuko ari ikizu. Kandi bimeze bityo no ku mwana w'Imana nyakuri wavutse bundi bushya: basobanukirwa ibintu by'Imana gusa.

Noneho, hari uwavuga ati: «Mu by'ukuri, umva, buriya, wabasha gukora ibi, ni ko ntekereza. Nkeka ko atari uku. Nemera ko iminsi y'ibitangaza yarangiye. Sinemera ko ibi, ari Imana ikiza indwara. Sinemera ibi.» Nyamara, umukirisito nyakuri wavutse bundi bushya, amatwi ye ntateze kuzafata ibyo, ntabisobanukirwa na busa. Byashoboka bite ko umuntu wizera Imana, kandi ushobora gusoma Bibiliya akanabona ko uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri kandi ko ari ko Azahora iteka ryose, yagera ubwo yemera ibintu nk'ibyo, simbisobanukirwa.

Rero, ntibishingikiriza ku bwenge bwabo.

25 Dufate urugero ku ruhinja. Fata uruhinja rukivuka, rwegamiye ibere rya nyina kandi rumaze konka amashereka ashyushye, rwegamije umutwe ku ibere rye, kabone n'ubwo yaba amaze amasaha make avutse. Nyuma y'umunsi umwe cyangwa ibiri, mukure kuri nyina maze umushyire ku ibere rya nyina w'undi: uturenge mu kirere, azasaza imigeri anaboroge. Si nyina. Murabona, hari icyo amaze kuba yifitemo, kuko ari urugingo rwa nyina, kamere imaze kumuha uburyo bwo kumenya nyina.

Kandi niba kamere yarahaye uruhinja uburyo bwo kumenya nyina wamubyaye, umwana w'Imana, wabyawe n'Umwuka w'Imana, we bizaba ari ikirenga. Azi Nyina! Azi, kuko yabyawe n'Ijambo, kandi asobanukiwe n'Ijambo. Mushyire ahatari iwabo, nta kabuza ko azaba atari mu mwanya we, azavayo adakoza amaguru hasi. Mu by'ukuri, ntiyishingikiriza…

Hari uzavuga ati: "Oroshya, gato, mukundwa, uyu ni we nyoko ubu."

Si nyina, kuko afite uburyo bwo kumenya ko ari urugingo rw'uriya nyina. Ni nyina, nta wundi uteze kuzashobora kumusimbura. Azi nyina umubyara. Mwitegereze neza ukuntu bihuye mu by'ukuri, ko Imana yaremye ibintu byose nk'uko ubwoko bwabyo buri.

26 Itungo nk'uko ubwoko bwaryo buri. Akenshi, iyo twacyuraga inka, n'inyana zazo, nibazaga uburyo buri nka imenyana n'iyayo, kandi zaramanukaga imisozi zose zivanze. Inka iri kumwe n'inyana, inyana nto ishonje, byashoboka ko yakonka gake indi nka niba ishonje by'ukuri; ariko, iyo tuzibyagije, mu kibaya, buri nka ijya gushaka iyayo muri icyo giterane cy'inka n'inyana, kugeza aho iyiboneye, kandi n'inyana ikirukira gusanganira nyina. Nyina izi uko inyana yabira, inyana na yo izi uko nyina ivumera. Iravumera, kuko ishaka iyayo, kandi, n'izindi ziravumera, ariko n'ubwo zivumerera icyarimwe, ntibibuza inyana kuromboreza ikitaba imivumerere yihariye ya nyina, kuko inyana ari urugingo rwa nyina.

27 Kandi umukirisito ubyawe bundi bushya n'Ijuru, ni urugingo rw'iri Jambo, ni ukuri. Nta wundi azakurikira amwita nyina. Ni urugingo rw'Ijambo. Yomatanye n'Ijambo. "Impanda nivuza ijwi ritumvikana, ni nde uzashobora kwitegurira urugamba?", ni ko Pawulo yavuze. Azi ijwi ry'Ijambo.

Mwitegereze ibyo ari byo, ikiganza cyatoranijwe cy'Imana kiri kumwe na bo uhereye mu ntangiriro ukageza ku iherezo. Azi ko ari cyo abereyeho, ko yibonye mu Kuri k'Ubutumwa Bwiza. Azi ko yabyawe n'Umwuka w'Imana. Azi ko Umwuka w'Imana adashobora guhakana Ijambo ry'Imana, ku bw'ibyo, ntazakurikira umunyamahanga.

Mwitegereze, uburyo...

28 Narebaga akandiko nari nanditse. Sinari nabyitayeho, ariko ubwo amaso yanjye yageraga ku mirongo y'Ibyanditswe, natekereje kongera kubishingiraho. Mwitegereze uburyo intama Ze zamutoranirijwe zamukurikiye, no mu gihe cy'abanyatewolojiya b'ikirenga bigeze kubaho. Basohotse badashidikanya kuko bamumenye. Bari bazi icyo Ijambo ryari ryarasezeraniye kiriya gihe. Bari bazi ishusho Mesiya yajyaga kuba afite igihe cyo kuza Kwe. Maze Simoni Petero aza aho yari ari, yari akiri "Simoni".

Andereya yari yagerageje kugira icyo abimubwiraho. "Uriya Muntu ni Mesiya." Simoni, ashobora kuba yari aruhije kumvisha, ntiyashakaga kujyayo.

Ariko ubwo ubwo yateraga agatambwe akagera mu Bwiza bwa Yesu, ubwo Yesu yavugaga ati: «Witwa Simoni, kandi uri mwene Yona.» Kandi, tuzi ko Yesu yabwiye abigishwa Be ko Yari abazi… «mbere y'ukuremwa kw'isi.» bari ukugaragazwa kw'ibitekerezo Bye. Ku bw'ibyo, nk'uko iyo mbuto yari muri We, kandi akaba yari azi ko Ijambo ryari ryarabivuze, kandi ko isezerano ryari ryaratanzwe ko Mesiya yajyaga kuba umuhanuzi, aho amariye kubona ibyo, kuri we, uburobyi bwari bushyiriweho iherezo. Yamenye, rero, ko yari agiye kurekura incundura, kuko yari agiye guhinduka umurobyi w'abantu.

29 Nyamara, hari abandi bantu bari aho, bari barabonye ibintu nk'ibyo bikorwa, kandi kuri bo, byari birangiye: wari «umwuka mubi». Bari abanyatewolojiya; ni uko bitahuraga n'ibyabanezezaga nk'inyigisho za tewolojiya. Maze baramwanga kuko bishingikirizaga ku bwenge bwabo, ubw'abagisha babo; mu gihe Yesu yazaga, asohoza Ijambo ryasezeranywe, bari bakabije ubuhumyi ku buryo batashoboraga kubibona. Bishingikirije ku cyo abatambyi bavugaga, no ku cyo idini ryavugaga, mu cyimbo cy'icyo Imana yavugaga.

Nyamara, Yesu yarabacyashye kubera ibyo. Yavuze ati: "Murondora mu Byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo ari ho mufite Ubugingo Buhoraho. Ni byo bimpamya. Ibi Byanditswe mbasaba kurondora, Bibabwira Uwo Ndi We."

Ariko ntibashakaga kwishingikiriza ku byo Ijambo ryavugaga, ah'ubwo bishingikirizaga ku bwenge bwabo. Kandi Ibyanditswe bitubwira ko bari barahumywe. Inyegamo ya tewolojiya yabo yari yarabahumye.

Muvuga muti: "Mwene Data Branham, uragarukira he?"

30 Dore aho ngana. Kiriya kintu, kiriho kirongera kuba, kigeze aho abagabo n'abagore, n'abantu, bagiye kwishingikiriza ku idini babarizwamo, batitaye ku cyo Ijambo ry'Imana ribivugaho. Bakomeza bemye, bishingikirije ubwenge bwabo, kandi batitaye na busa ku Ijambo ry'Imana, nk'aho ritanigeze ryandikwa. Ni imbuto y'ubuzima ya kimuntu itarahawe ubuzima. Ubuzima bw'umubiri bwo burahari, ariko nta buzima bw'umwuka buri imbere, bushobora kugirwa buzima. Inyegamo yatwikiraga mu maso habo.

Noneho mwitegereze, bari bafite amashusho yabo bwite y'icyo Imana yakagombye kuba cyo, bari bafite imyumvire yabo bwite y'icyo Mesiya yakagombye kuba cyo. Ariko Ijambo rivuga icyo Mesiya yakagombye kuba cyo! Rero, murabona, bari bafite ubwenge bwabo bw'icyo Yajyaga kuba cyo. Nta gushidikanya ko umutambyi mukuru yavugaga ati: "Abatambyi banjye mwese, mwebwe abo nkuriye, noneho, ubwo Mesiya azaza… Twubatse ingoro nini, hano. Twakoze ibi byose. Kandi Bibiliya ivuga ko 'Azinjira mu ngoro Ye mu buryo butunguranye', n'ibyo bintu byose. Ubwo Azabikora, Mesiya azaherako aza hano maze Yimenyekanishe hagati muri twe, Avuge ati: 'Ndi Mesiya. Nahageze. Ndi wa Mesiya mwari mwarategereje.'" Mu by'ukuri, ubwo Yazaga, Yaje mu buryo bunyuranye cyane n'ukuntu bari baramwishushanirije ku buryo batamumenye. Ntibamenye Uwo Yari We.

31 kubwe iyo... Byajyaga kumera bite iyo indyarya ijya kuza maze ikavuga iti: "Ndi Mesiya. Ndi dogiteri Runaka"? Bajyaga kumwemera. Ariko ubwo basangaga Umuntu wari yaravutse mu buryo budasobanutse,

Utari yarigeze ajya mu ishuri na rimwe, Ntiyari yarigeze ajya mu iseminari na rimwe, nta karita n'imwe y'ubunyamuryango, ah'ubwo ubusobanuro bw'Ijambo ry'Imana, bugaragajwe. "Imirimo Nkora ibamenyesha Uwo Ndi We. Niba ntakora imirimo yasezeranywe ko Nzakora, mwe kunyizera."

Mbese ntitwashobora kubikoresha muri iki gihe? Iyo Mwuka Wera aje, bashaka kubitwerera ikindi gisekuru, iyo Aje akora kandi Yerekana Imbaraga Ze z'Ubugingo Buhoraho, abantu bashaka kubyita "ibikabyo by'urwunge". Kubera iki? bishingikiriza ku bwenge bwabo, aho kwishingikiriza ku Ijambo ry'Imana. Muzi ko ari iby'ukuri.

32 Ikirango, ubusobanuro Imana itanga Ubwayo, ni ukugaragara kw'isezerano.

Nshobora kuba ngiye kubivuga, kugira ngo birusheho gusobanuka. Iyo Imana ivuze Ijambo, nta mugabo n'umwe, n'umugore n'umwe, habe n'umuntu n'umwe wundi yakenera wo kuyunganira. Mu by'ukuri, muvuga muti: "Imana, ni iki Yashatse kuvuga." Imana, icyo ishatse kuvuga, Irakivuga, kandi ni cyo neza na neza Ishaka kuvuga. Murabona?

Nyamara, Isobanura ite Ijambo Ryayo bwite? Mu kurisohoza. Bibiliya ivuga iti: "Umwari azasama inda", kandi byarabaye. Ntibigomba ubusobanuro na buke. Imana yavuze iti: "Nihabe umucyo", maze ubaho. Ntibigomba ubusobanuro na buke.

Imana yongera kuvuga ko muri iyi minsi ya nyuma Yajyaga gusuka Umwuka Wayo ku bafite imibiri bose, kandi Yarabikoze. Ntibigomba ubusobanuro na buke. Icyo bisaba cyose, ni ukwemera, umuntu uzemera icyo Imana yakoze. Ntibigomba ubusobanuro. Imana ni Yo musobanuzi w'Ijambo Ryayo. Imana yasezeranye ibyo bintu tubona uko bukeye uko bwije, Yasezeranye kubisohoza mu bihe bya nyuma.

33 Abantu b'ubu, nka kiriya gihe, bishingikiriza ku bwenge bwabo. "Umushumba wanjye avuga ko ari 'ibikabyo'." Ariko Bibiliya ivuga ko ibyo bintu byajyaga kubaho. Muzishingikiriza ku bwenge bwa nde?

Bibiliya yasezeranye ko, mu bihe bya nyuma, "Igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya cyajyaga kugira ubutunzi bwinshi cyane, kikaba cyihagije: 'Ndatunze. Nta cyo nkennye. Ndadamaraye nk'umwamikazi.'" Kiratunze. Maze ivuga iti: "Ntuzi ko uri umutindi." Nyamara, ibyo, ni igisekuru cy'Itorero muri rusange, itorero! "Wandikire itorero ry'I Lawodikiya uti: Wambaye ubusa, impumyi, umukene, umutindi, kandi ukaba utabizi." Yicaye hagati y'ubutunzi bwe, za miliyari na za miliyari z'abayoboke, ubutunzi bw'isi mu kiganza cyaryo, hafi ya bwose. Ubaye ushyize ibyo byose hamwe, ubu, idini gatolika n'abaporoso, mu gihe bariho bishyira hamwe, bafite ubutunzi bw'isi.

34 Igihugu cyacu kirakennye, cyangwa hafi aho. Tuguza ku misoro izakusanywa mu myaka mirongo ine, ku byo bambwira, nshingiye ku kiganiro Life Line. Amafaranga y'imisoro turiho dukoresha ubu, azakusanywa mu myaka mirongo umwuzukuru wanjye, niba Yesu atinze, imisoro azatanga igihe azaba afite imyaka mirongo ine. Ni yo turiho twifashisha ubu. Tuyafashisha ibihugu by'amahanga, mu gihe abahinde b'iwacu bicwa n'inzara; tugerageza kugura ubuvandimwe.

Ubuvandimwe, ntibugurwa. Ubucuti ntibugurwa. Oya, ariko dore ibyo dukora. Ngiyo imikorere yacu, bahata abantu, icyo basaruye cyose, umusoro, umusoro, umusoro.

Kandi umwenda w'intambara twashyizwemo n'abanyapolitike ntuzarangiza kwishyurwa mbere y'imyaka amagana iri imbere, ni ko nkeka. Kandi ntitwakagombye kuba muri iyo mibereho. Nta mpamvu n'imwe dufite yo kuba muri iyo mibereho.

Ariko amadini, yarakize. "Ubutunzi bw'isi hafi ya bwose, buri mu idini gatolika." Ni ko Bibiliya ivuga. Ni yo mpamvu u Burusiya bwayimeneshejе... Iyo ni yo ntandaro y'ubukomunisiti. Ni uko idini ryigishaga ko hari icyo riri cyo... kandi ari nta ho ritaniye n'isi.

35 Ubwo twari muri Finlande, wa mwana w'umuhungu akazuka. Bariya basilikare b'abarusiya bahise bahagarara bemye, n'imbunda zabo, bavuga bati: "Tuzakira Imana ishobora kuzura abapfuye."

Twubatse amadini, n'amashuli, n'inyubako, ariko ntitwakora icyo Yesu yatubwiye gukora, ari cyo "Kubwiriza Ubutumwa Bwiza". Twakoze ibishoboka ngo twigishe isi. Ntiyigeze Avuga ati: "Nimwigishe isi; uziga azakizwa." Mugomba kuvuka bundi bushya, mukuzura Mwuka Wera. Ni yo mpamvu twatsinzwe biteye ubwoba, hose. Murabona, dufite ubutunzi, turabifite, ibyo.

Noneho, ni iki kigiye kuba? Ubwo Inama mpuzamadini izaterana, ntimushobora kubona uzaba ayiyoboye? Mwebwe abametodisite n'abaperesibiteriyani, ntimushobora kubisobanukirwa? N'abandi, kabone n'ubwo baba abametodisite? Muvuga ko mutazagerayo. Cyangwa muzahagera, cyangwa muzashyira idini ryanyu ahabona; muri bibiri hitamo kimwe. Biri imbere yanyu. Mugomba kuzabikora. Ni icyangombwa, ikimenyetso cy'inyamaswa. Kandi neza na neza ni ibyo. Imikorere y'amadini, nta gushidikanya (nabihamirisha Bibiliya) ni ikimenyetso cy'inyamaswa. "Yari maraya; abakobwa be bari indaya." Kandi tuzi ko ari Ukuri. Idini n'inzego zaryo, bihabanye n'Ijambo, kandi n'amahame rishingiyeho ni antikirisito. Ibirimo byose, ntabwo ari antikirisito, ariko amahame rishingiyeho, imikorere yaryo ni

antikirisito, bihabanye n'Ijambo ry'Imana. Imikorere y'inzego yose ni uko iteye.

36 Nguko, murabona, maze mukishingikiriza ku wundi muntu, ku bwenge bwabo, aho kwishingikiriza ku bwenge bw'Imana, icyo Imana yabivuzeho. Ni yo mpamvu ari ikinyoma. Abasore bajya muri za seminari zigisha neza, bakajya muri ziriya ngirwamashuri ya Bibiliya. Kandi byashoboka ko baba bafite umuhamagaro w'Imana mu mitima yabo. Bajya hariya maze bakabapakira amahame, ku buryo bikubera ikidakuka, ukajya uvuga uti: "Runaka yarabivuze, musenyeri Runaka. Uyu yarabivuze. Uriya yarabivuze. Abateraniye mu nama bemeranijwe ko ari uku byakagombye kuba."

Icyo uwo ari we wese yabasha kuvuga, byose ni kimwe! Yesu yavuze ati: "Ijambo ry'umwana w'umuntu ryose ribe ikinyoma, naho Iryanjye ribe Ukuri. Uwaba arivuze wese, Iryanjye ribe Ukuri!"

Noneho, ni gute wamenya Ukuri? Iyo Bibiliya ivuze ngo ikintu runaka kizaba, maze kigasohora uko cyakavuzwe.

Nyamara, Bibiliya ivuga iti: "basanze iwaryo ubutunzi bw'isi; zahabu, ifeza."

Rero, niba ubukungu bwacu bushingiye ku ifaranga-zahabu, kandi tukaba dukennye, noneho ni iki kigiye kuba? Murabizi, abakire b'iki gihugu, inganda zikomeye, abaherwe ba wisiki n'itabi, n'ibindi nk'ibyo, ntibazemera guhindura ifaranga, rero, ikizaba gisigaye gukorwa, kuzaba ari ukuguza. Kandi hari ahantu hamwe gusa ho kuguza. Kandi, icyo gihe, tuzahagurisha umurage wacu wo kuba umwana w'impfura. Ni ko biri. Rero, muzakora iki? muri umutungo w'iyo mikorere. Nta kundi byagenda.

37 Yoo, ncuti, mwe gutekereza ko… Mushobora kuba mutekereza ko nasaze. Ariko ubwo urupfu ruzaba rwaracecekesheje ijwi ryanjye, izi bande zizakomeza kuvuga, kandi muzamenya ko ibyo navuze byasohoye. Naba mpebuje abantu bose ubugoryi mu gufata igihagararo nafashe, guhangara kiriya kintu, naba ndwanya Imana, naba ndwanya icyitirirwa Imana cyose, mbaye nkoze ikosa mu byo mvuga no mu muhamagaro wanjye. Byaba ari ukurwanya Imana. Ariko kuba narafashe iki gihagararo, ni uko hari icyo nabonye mu Ijambo. Ni Ijambo ry'Imana. Kandi mbibonera igihamya, Ukuri kwabyo kukagaragazwa. Ngubwo ubusobanuro Imana itanga bw'Ijambo Ryayo. Ubusobanuro Imana Ubwayo itanga ku Ijambo Ryayo, nib wo buryo Bwayo bwo kurihamya no kwerekana ko ari ukuri.

38 Ni kuki abafarisayo bari impumyi? Ni iki cyabagiraga impumyi? Ni uko bangaga ihishurirwa cyangwa ihamirizwa ry'Ijambo.

Kandi ni yo mpamvu none amadini ahumye, ni uko yanga kwakira ihishurirwa, mu gihe igihamya cyatanzwe. N'ubwo Ijambo rivuga, ko byahishuwe, kandi bikaba byaranagaragajwe, uko biri kose banga kubyakira.

Kandi ni yo mpamvu Abayuda, kugeza none, banga kubyakira. Ntushobora kubabwira Kirisito, kuko inyegamo igitwikiriye mu maso habo, barahumywe.

Kandi idini, ntushobora kubabwira Ubutumwa Bwiza bwuzuye, n'Imbaraga z'Imana, kuko imana y'iki gihe yabahumye ngo batamenya Ukuri kw'Imana, hanyuma bakishingikiriza ku bwenge bwabo. Mu gihe abagore binjira mu rusengero, biyogoshesheje umusatsi, kuko pasitori wabo ababwira ati: «Yoo, nta cyo bitwaye. Urya mugabo ni umusazi.» ah'ubwo Bibiliya ivuga ko aba agize nabi iyo akoze ibyo, ko Imana yanga kumva amasengesho ye. Kandi bamwe muri bariya bagore bongera isoni ku zindi, bagerageza kwgira ababwirizabutumwa; icyo gihe, yakoze ibintu bibiri. Bibiliya ivuga ko atagomba kubikora, habe na busa. Ariko idini n'inzego zaryo rizakira ibyo bintu, rizimika umugore, maze rimutume hariya. bishingikirije ku bwenge bwabo!

39 Ijambo ry'Imana rimwe gusa, ritari mu mwanya waryo, cyangwa risobanuwe nabi, cyangwa ritakiriwe, ryangiza Uruhererekane. «Umuntu ntazatungwa n'imitsima gusa, ah'ubwo n'Ijambo ryose rivuye mu kanwa k'Uwiteka.»

Bishoboka bite ko mwebwe, abagore, munyumva mbwiriza ndwanya ibyo bintu, ndwanya kwambara amakabutura, kwisiga amarange, no kogosha umusatsi, n'ibindi nk'ibyo byose, hanyuma buri mwaka, iyo ngarutse, mbasanga mwicaye ha handi, mukiri kwa kundi? Ni uko mwishingikirije ku bwenge bwanyu aho kwishingikiriza ku Ijambo ry'Imana.

Namwe, abapasitori, ni kuki mudatunganya ibintu mu rusengero rwanyu? Ni uko mwishingikirije ku mahame y'idini ryanyu aho kwishimgikiriza ku Ijambo ry'Imana. Ni Ukuri. Ntimukishingikirize ku bwenge bwanyu. Mu by'ukuri, ntimukishingikirize ku bwenge bwanyu ah'ubwo mujye mwishingikiriza ku Ijambo ry'Imana.

40 Ntibashakaga kubyakira, kuko batashakaga kubyemerera igihamya. Yesu yazanye Ubutumwa Bwiza, neza na neza nk'uko Yari yaravuze ko Yajyaga kuza. N'ubwo akenshi…

Yohana yabaye nk'urindagiye, ubwo bamushyiraga bmu nzu y'imbohe, kandi yari yarabwirije ko «Mesiya yajyaga kuza, n'urutaro Rwe mu kuboko; Yajyaga kweza imbuga Ye, kandi agatwika umurama mu

muriro udateze kuzima hanyuma Agahunika ingano mu kigega». Mwuka w'Imana wasohokaga, wadudubiza nk'isoko amuvamo. Kandi icyo gihe, ubwo yabonaga Yesu amusanga, uriya Muntu muto kandi uciye bugufi, bamukandagiraga ibirenge, Yagombaga kwihungira, Akikuriramo Ake karenge.

Yohana ntiyabyumvaga, ni uko yohereza bamwe mu bigishwa be ngo bajye kureba Yesu, kugira ngo bamubaze niba mu by'ukuri ari We. Mbega ukuntu byari bitesheje agaciro kuri Yesu! Nyuma y'uko uyu muhanuzi ahagaze hariya, mu mazi, afite Ijambo ry'Imana, akavuga ati: «Namumenye, kuko nabonye Umwuka Wera, nk'inuma, Imana imanuka iva mu Ijuru nk'inuma maze Ikinjira muri We, kandi numva Ijwi ryumvikanishije kuva mu Ijuru aya magambo: «Uyu ni Mwana Wanjye nkunda cyane.» Kandi nyuma y'ibyo, Yohana avuga ati: «Nimugende mumubaze niba mu by'ukuri ari We cyangwa se niba tugomba gutegereza Undi?»

41 Rero, Yesu ntiyamwoherereje agatabo gakubiyemo uko agomba kwitwara mu nzu y'imfungwa, cyangwa ku bijyanye n'idini yaba yarinjiyemo. Ah'ubwo yababwiye ati: «Nimugumane gato na twe maze mwitegereze ibiba, nyuma mujye kubwira Yohana ibyo mwabonye bikorwa»; kuko, ibikorwa Bye, Yakoraga, byahamyaga ko ari Mesiya, Umwana w'Imana. «Hahirwa uwo ntazabera ikigusha.»

Byabereye ikigusha benshi. Byorohera abantu benshi kubona ikigusha mu Ijambo ry'Imana. Riba rinyuranye, bashaka kwishingikiriza ku bwenge bwabo. Ntibashaka kwemera Ijambo ry'Umwami. Bigatuma bakurikira inzira babigishije gukurikira. Kandi inzira bigishijwe, idini ryabo ni yo bishingikirizaho. Uko Imana yaba yarasezeranije ko Izohereza imvura kose, ko hazabaho imvura mu gitondo, niba idini rivuze riti: «Ntabwo ari byo», bazemera idini aho kwemera Imana. Ibyo ni ukubera iki? Bavutse ku bw'idini.

Ariko umuntu wavutse ku bw'Imana, ni Imbuto y'Imana. Kandi Imbuto y'Imana, ni Ijambo ry'Imana, kandi atungwa gusa na Ryo. Ni Ubuzima bwe.

42 Rero, bishingikirizaga ku bwenge bwabo, ntabwo bashakaga kwishingikiriza kw'Ijambo ry'Imana. Bari bazi iryo ari ryo; byari mu Byanditswe. Bavuze ko wari «umwuka mubi», uriya Mugabo. Ibyo ni iby'iki? Abatambyi babo bari bavuze bati: «Abajya gutega amatwi uriya mugabo bose, turabaca mu idini.»

Igihe kimwe, umugabo wari impumyi yakijijwe na Yesu. N'ababyeyi be bari banejejwe no gukira kwe, ariko bari bafite ubwoba bwo guhamya ko ari Yesu wabikoze.

Yavuze ati: «Ese uyu yaba ari umuhungu wanyu?

Avuga ati: «Ni we.»

Avuga ati: «Ni nde wamukijije?»

Avuga ati: «Simbizi. Arakuze, nimumwibarize, arababwira ibimureba.»

Mu by'ukuri, byari byaravuzwe ko «umuntu wese wajyaga kwishingikiriza kuri Kirisito, aho kwishingikiriza ku bwenge bwabo, «yajyaga gucibwa mu idini ryabo». Ese si cyo kimwe ubungubu? Mbabajije ikibazo. [Iteraniro riti: «Amen.» -Umwanditsi.] Ni byo. Bishushanywa kimwe. Icyo Imana yakora cyose, bigomba guhura n'imyumvire yabo y'ibintu, aho guhura n'ibyo Imana ihamiriza ko ari ukuri. Ni byiza, ariko uriya mugabo, yabonye igisubizo.

Yavuze ati: «Ni nde wagukijije?»

Avuga ati: «Uwo bita Yesu w'i Nazareti.»

Avuga ati: “Ni umunyabyaha. Ntituzi iyo aturuka.”

Avuga ati: “Ibyo ntibisanzwe. Byitwa ko ari mwe bayobozi bo muri iki gihe. None dore umuntu wahumuye amaso yanjye, ibintu bitigeze bikorwa kuva mu itangiriro ry'isi, none muravuga ngo ntimuzi iyo aturutse.”

43 Ni ukubera iki? Bishingikirizaga ku bwenge bwabo, aho kwishingikiriza ku Ijambo ry'Umwami. Mu by'ukuri Yesaya yari yaravuze ko “impumyi zajyaga kuzabona, ko ibimuga byajyaga kuzasimbuka nk'isha, ko ubutayu bwajyaga kuzaturitswa n'ibyishimo”. Ariko, murabona, bishingikirije ku bwenge bwabo, aho kwishingikiriza ku Ijambo; bishingikirije ku buryo bwabo bari barashyizeho.

Noneho mwitegereze, amadini ya none akora bene ibyo. Yishyiriyeho ubwoko bw'ikirenga bw'ubwenge, bakoresheje uburyo bwabo bw'amadini. Bafite imyumvire y'ikirenga y'ibintu, ku buryo badashaka ko hari n'uwakoraho, ko hari uwakwinjira keretse abaye ari umwe mu bagize itsinda ryabo.

Mwe kumbwira ibihabanye; ntuye i Tucson, muri Arizona. Nageze hariya mu myaka ibiri ishize, nabonanye n'abagize inama y'amadini, maze mvuga nti: “Sinazanywe no gushinga idini na busa. Nazanywe no gusabana namwe. Nazanywe no kubafasha. Ndi umubwirizabutumwa, ni wo mwuga wanjye.”

Bavuga bati: “Uzanywe hano no gushinga urusengero?”

Mvuga nti: “Oya mugabo. Naje… Iyo mba nshaka urusengero, ndarufite muri Indiana.” Mvuga nti: “Nazanywe hano n'uko ari Umwami wahanyoboye, binyuze mu iyerekwa. Nzahaguma igihe ngito, keretse anyoboye ahandi, ariko sinazanywe no gushinga urusengero. Nazanywe no kubafasha, mwebwe bene Data.”

44 Hashize imyaka itatu ibyo bibaye. Nta na hamwe bigeze bampa ubutumire. Ni ukubera iki? Kuko bahise bakora inama ako kanya, maze bakavuga ko uwajyaga kuntumira ku gicaniro cye, bajyaga kumuca. Murabona? Ni ukubera iki? Bishingikiriza ku bwenge bwabo! Nta kabuza, bariya, ni ingirwabagaragu, bishyiriraho imyumvire y'ikirenga y'ibintu yabo.

Nutandikisha izina ryawe mu gitabo cyabo, uzaba urimbutse. Uwo ni umushumba wambwiraga atyo. “Yoo,” uvuga uti: “uwo, ni uwishushanyaga.” Yari umupantekote.

Jye na Jack Moore, twaricaye tumutega amatwi, i Dallas, muri Tegizasi (Texas). Yavugaga ko “byari bigiye kuba ngombwa ko agira uwo akura mu gitabo cyabo”.

Mvuga nti: “Kubera iki?”

Asubiza ati: “Kuko yasabanye na we.”

Mvuga nti: “Mu by'ukuri, muvanemo.”

Avuga ati: “Mu by'ukuri, icyo gihe araba arimbutse.”

Mvuga nti: “Arimbutse?”

Avuga ati: “Ariko niba izina rye ritari mu gitabo!”

Mvuga nti: “Ushaka kuvuga ko uri umugenzuzi mukuru, kandi ukaba wizera utyo?”

Avuga ati: “Ni ko kuri.”

Mvuga nti: «Subizaho, muvandimwe. Si imbabazi z'Imana, izo, urabona.»

45 Mu by'ukuri, twabatijwe mu Mwuka umwe, ngo tugire Umubiri umwe, maze duhinduka ingingo z'uwo Mubiri.» Ikimenyetso mwitwaje, ntacyo kimbwiye, nta ruhare na ruto kibifitemo. Ugirwa umukirisito n'uko uvutse bundi bushya, ni bwo buryo bwonyine. Ni bwo buryo bwonyine ufite bwo kuba umukirisito, ntabwo ari ukuba umunyamuryango, ntabwo ari ku bw'amahame, ntabwo ari iby'umubiri cyangwa imvugo runaka cyangwa icyo ari cyo cyose, nta n'ubwo ari ku bw'inyigisho za tewolojiya. Uba umukirisito ari uko uvutse bushashya, kandi ntushobora kuvuka bundi bushya atari uko ubitorewe. «Kuko ntawushobora kuza aho Ndi, atari Data umureheje, kandi abo Data yampaye bose bazaza.» Amen. «Nzamuzura ku munsi w'imperuka.»

Ariya ngirwa mashuri akomeye dufite, azishingikiriza abumenyi bwabo. Yoo! Icyo Ijambo ryavuga cyose, bashoboye kuryisobanurira ubwabo, bakaryiyemeza, ubwabo, kandi bakaryemeza abo mu bwoko bwabo, «iminsi y'ibitangaza yarahise. Abahanuzi, intumwa, abo ntibibaho. Impano zo gukiza abarwayi n'ibindi ntibibaho. Ibyo bintu byose byarangiye mu minsi ya Bibiliya.

Bashoboye kwiyemeza ibyo bintu.

46 Murabizi, Bibiliya ivuga ko «ushobora kwizera ikinyoma ukaba ikivume kubera izo mpamvu.» Murabona? Ni ukuri kose. Iby'Ijambo ry'Imana ryavuga byose, bishingikiriza ubwenge bwabo. Barabwishingikiriza, bakabwemera, bakeka ko ari Ukuri. Ushobora kwizera ikinyoma kimwe, inshuro nyinshi, kugeza aho kiba ukuri kuri wowe. Ni byo.

Ariko se wamenya ute ko ari ukuri cyangwa ikinyoma? Imana yerekana ukuri kwabyo, kuko biri mu Ijambo Rye kandi ko Arihamiriza. Ni We wenyine utanga ubusobanuro bwa Ryo.

Bakora ngo bagere hariya? Babikora kubera umuco wabo, kubera inyigisho zabo, kubera ubumenyi bw'ibintu baba babishyizwemo n'iyo diporome, mpamyabumenyi y'ikirenga yabo n'ibindi byo muri seminari aho bigiye ibyo bintu.

47 Ariko, murebe ncuti zanjye. Nta na hamwe muri Bibiliya badusaba gusobanukirwa. Ntidusabwe kurisobanukirwa. Dusabwe kuryizera. Kuryizeza bate? Mu kwizera. Iyo urisobanukiwe, ibyo bikuraho ukwizera. Ntushobora kurisobanukirwa, ah'ubwo uraryizera. Mbashije gusobanukirwa Imana, sinakenera kwizera Imana. Ntabwo nsobanukwiwe Imana. Nta n'umwe usobanukiwe Imana. Sinshobora gusobanukirwa Ijambo ry'Imana, ariko ndaryemera. Ndaryizera. Sinsabwa kurisobanukirwa.

Sinigeze njya mu iseminari n'imwe, ubwo bwenge bwose, icyo umuntu abiziho. Icyo nzi cyo, ni uko Bibiliya ivuga ko «Yesu Kirisito uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko ari ko Azahora iteka

ryose», kandi ni muri urwo rwego ntegereje kumubona. Nzi icyo Yasezeranye gukora ubu, ntegereje ko Agikora, kandi Ariho aragikora. Ni byo. Yasezeranye ubuntu, ntegereje kubwakira, kandi narabwakiriye. Yasezeranye gukiza indwara, ndabyizera, ndabyemera maze ndabyakira.

48 Rero, sinshaka kubatwarira igihe kinini, ah'ubwo ndashaka kugira icyo mbabaza, niba mushobora kunyihanganira akanya gato, tukareba bamwe mu batishingikirije ku bwenge bwabo; abantu bo muri Bibiliya, bake gusa, batishingikirize ku bwenge bwabo, batigeze bita ku myumvire y'ibintu igihe cyabo cyari gifite.

Dufate urugero kuri Nowa. Nowa yabayeho mu gihe cy'ubushakashatsi bw'ikirenga. Bishoboka ko ari mu gihe cya Nowa za piramide zubatswe, bikaba ari ntawashobora kubisubiramo ubu. Nta bikoresho byangombwa byo kubikora dufite ubu, ibyangombwa byo guterura biriya bibuye ukabigeza hejuru hariya. Ntawabigeraho ubu. Muri kiriya gihe, bari bafite ubwoko bw'irange basigaga ku myenda, na n'ubu ikaba itaracuya. Bari bafite umuti w'amazi basiga intumbi ntibore; ubu ntawabasha kubigeraho n'iyo byaba ngombwa. Ubugeni bwinshi twarabutakaje. Yabayeho mu gihe cy'ubumenyi bw'ikirenga.

Yesu yabivuzeho. Yavuze ko igihe nka kiriya cyajyaga kongera kubaho mbere y'uko Agaruka: "Kuko ibyabaye mu gihe cya Nowa." Sawa, mwiteguye kubyizera, si byo? [Iteraniro riti: "Amen." -Umwanditsi.] Mwizera ko Yesu Yabivuze? ["Amen."] Mwizera ko twasubiye mu gihe nka kiriya? ["Amen."] Nyamara, ibyo, biri mu gitabo cya Luka 17:29.

49 Noneho, muri Luka 17:30, Avuga ati: "Kandi ibyabaye igihe cya Loti, ubwo Malayika w'Umwami…"

Nyamara, basomaga Bibiliya imwe nka twe. Musubire inyuma kugira ngo murebe igihe barimo icyo ari cyo, mbere y'uko isi irimbuka, igihe cya Loti. Murebe ibyo ari byo, murabona ibyo Yesu yavugaga.

"Mu gihe cya Nowa, abantu bararyaga, baranywaga, bararongoraga, bagashyingira abana babo; nta cyo bikangaga kugeza aho Nowa yinjiriye mu nkuge, umwuzure ukaza ukabarimbura bose."

Mu gihe cya Loti, mbere gato y'uko umuriro ukongora ibihugu by'amahanga, abanyesodomu, harimo abatinganyi, ibigoretse, n'ibindi mu isi. Byari Los Angeles ya none; nta n'ubwo ari Los Angeles y'ubu, ah'ubwo byari icyitegererezo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, nta bwo ari icya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika gusa, ah'ubwo ni icy'isi yose. Nta gushidikanya ko ari ko byari bimeze, ukugorama! Abantu bari baratakaje isoko isanzwe y'ubugingo yabo, n'ubwenge karemano bari barashyizwemo n'inyurabwenge, bari barigoretse kubera umwuka mubi wari warahinduye ubuzima bwabo busanzwe bwose, kandi bari bahanzweho n'imyuka mibi. Niba ibyo atari byo biranga igihe cya Loti, sinzi ibizakiranga ibyo ari byo. No mu gihe cya Nowa, bararyaga, baranywaga, bararongoraga, bashyingiraga abana babo, inkiko z'ingo zisenyuka zaruzuraga, n'ibindi, ni ibyo neza na neza.

50 Ariko, mwibuke, mbere y'uko isi irimbuka, Aburahamu yaherejwe ku isi, maze ahabwa isezerano ko yajyaga guhabwa umwana w'umuhungu. Hanyuma Aburahamu ahura n'Imana, ariko mbere gato y'uko isi irimburwa, no kuboneka k'umwana wasezeranywe, Imana yaramanutse, maze Yigaragariza mu mubiri w'umuntu, mu muntu, mu bagabo batatu. Baza kureba Loti, babanje kuza kwa Aburahamu, maze baricara. Izina ry'Aburahamu ryari ryarahinduwe riva kuri Aburamu rijya kuri Aburahamu; iry'umufasha we riva kuri Sarayi rijya kuri Sara.

Maze uwo Mugabo, Uwavugaga, ari We Elohimu, ubwo Yamuvugishaga, Yavuze ati: «Sara umugore wawe ari he?»

Yavuze ati: «Nzagusura igihe cy'ubuzima.» Maze araseka, mu ihema, inyuma ye. Hanyuma Amubaza ati: "Kuki Sara asetse?" Murabona? Nyamara, Yakabaye yarakumbanije Sara ako kanya, ku bwo Ijambo Rye, ariko ntiyashoboraga kubikora kuko Sara yari urugingo rw'Aburahamu.

51 Kandi ubu, Yesu yavuze muri Luka 17:30 ati: "Ibyabaye mu gihe cya Loti, ni byo bizaba mu bihe bya nyuma, ubwo Umwana w'umuntu…"

Noneho, mwibuke, "Mwana w'umuntu", ni umuhanuzi. Yehova yise Ezekiyeli "umwana w'umuntu". Yesu yaje afite amazina atatu: Umwana w'umuntu, Umwana wa Dawidi, Umwana w'Imana. Yiyitaga "Umwana w'umuntu", kugira ngo abantu basobanukirwe, kuko Yari wa Muhanuzi Umwami Imana yagombaga guhagurutsa.

Noneho mwitegereze, hanyuma, Yasezeranye iki? Ko Umwana w'umuntu yajyaga kongera kwihishura, gato mbere ya kiriya gihe, mbere y'umuriro. Kandi kiriya kimenyetso cyabaye icyanyuma Aburahamu yabonye, mbere yo kuboneka k'umwana wasezeranywe; maze ariyuburura, yongera kuba umusore, na we yongera kuba inkumi. Noneho mwitegereze, neza na neza ni cyo Ibyanditswe bivuga, noneho ni ibyo tugomba gutegereza.

Kandi rero, niba tubona isi mu bigoramye, n'ibintu tuyisangamo ubu, n'uburyo bigenda, rero, twashobora dute kuvuga ko kiriya gice ari icy'ukuri, ntituvuge ko n'igisigaye ari icy'ukuri? Ni uko

wishingikiriza ku bwenge bw'abantu, aho kwishingikiriza ku bwenge bw'Umwami w'Ubugingo, ari We, Wari kumwe na bo, ku marembo y'i Sodomu.

Noneho, turabona... Ntitwishingikiriza ku bwenge bwacu.

52 52.Nowa ntiyishingikirije ku bwenge bwe. Cyari igisekuru cy'ubushakashatsi gikomeye, ariko ntiyishingikirije ku bwenge yari afite bw'igihe cye. Ah'ubwo yishingikirije ku isezerano ry'Imana, maze akoreshwa n'Imbaraga z'Imana, ategura inkuge yo gukiza umuryango we. Mu gihe byari bihabanye n'inyurabwenge; nta mazi yari hejuru hariya, nta yari yarahigeze. Ariko yari azi ko iyo Imana iba yaravuze ko byajyaga kuhaba, byaga kuhaba. Rero, ntiyishingikirije ku bwenge bwe, ah'ubwo yakoreye mu kwizera, ashingiye ku Ijambo ry'isezerano ry'Imana. Mwuka yaramuhase, maze arakora.

Aburahamu, ntiyishingikirije ku bwenge yari afite ku buzima bw'abantu. Umugore we, yari afite imyaka ikabakabaka cumi n'irindwi, ubwo yamushakaga. Ubwo Imana yamuhaga isezerano ko Yajyaga kumuha umwana w'umuhungu abyariwe na Sara, Aburahamu yari afite imyaka mirongo irindwi n'itanu, naho Sara akagira mirongo itandatu n'itanu, Aburahamu yarushaga Sara imyaka icumi. Ariko Aburahamu ntiyishingikirije ku bwenge bwe ubwo Imana yavugaga ko Yajyaga kumuha umwana w'umuhungu kuri Sara. Ah'ubwo yitaga icyo ari cyo cyose, igihamya cy'ubushakashatsi cyose, gihabanye n'Ijambo ry'Imana, ubumenyi bwose butari mu Ijambo ry'Imana, nk'ibitabagaho. Maze ahimbaza Imana, yari akomeye, yarayihimbazaga. Ntiyigeze areba, cyangwa ngo yite ku mubiri we, habe no kureba kuri Sara wari afite umubiri utari ugishobora kugira abana, kandi n'umubiri we, kwari uko. Nta na gito yitayeho, ah'ubwo yishingikirije ku isezerano ry'Imana. Ntiyishingikirije ku bwenge bwe. Ntiyishingikirije ku bitekerezo.

53 “Turebe,” muvuga muti, “Mwene Data Branham, birumvikana ko Imana idakiza abarwayi, dufite abaganga benshi kandi beza.”

Bibiliya ivuga iti: “Ducurika ibitekerezo.” Ntidutekereza. Ukwizera kuremera kandi kukakira. Murebe.

Ah'ubwo yarizeye, aho kuba umutizera; maze yita ibitariho nk'ibiriho, bikaba byari bihabanye n'igitekerezo icyo ari cyo cyose mu buryo bwuzuye. Nta gitekerezo na kimwe cyagashoboye kwerekana ko uriya yakavutse. Uriya mugore yari amaze kurenga urucuriro incuro ebyiri, kandi umubiri we wari umeze nk'uwapfuye. Kandi ku myaka ijana y'amavuko, nyuma y'imyaka makumyabiri n'itanu, yari agihimbaza Imana, bikaba bihabanye n'ubwenge bw'ibintu ubwo ari bwo bwose. Ariko binyuze mu kwizera, yari azi ko Imana yajyaga kubahiriza Ijambo Ryayo. Ntabwo yishingikirije ku bwenge bwe.

54 Byajyaga kugenda bite iyo Mose aba yarishingikirije ku bwenge bwe ubwo Imana yamubwiraga ko yari agiye kuvana abana ba Isirayeli mu kuboko kwa Farawo? Byajyaga kugenda bite iyo ajya kwishingikiriza ku bwenge bwe igihe yari ari hariya, iruhande rw'Inkingi y'Umuriro, Imana imubwira iti: “Genda, kandi Nzabana na we”? Byari kugenda bite iyo aza kwishingikiriza ku bwenge bwe ubwo yabajyanaga ku nyanja itukura, bahageze, ku nkombe y'amazi, mu gihe Imana Yari Yarabasezeranije igihugu cy'isezerano? Byari kugenda bite iyo aza kwishingikiriza ku bwenge bwe: “Ndabigenza nte kugira ngo ngere hakurya? Ntamwanya dufite wo kubaka ikiraro. Hari ingabo zije, zigeze hano inyuma yacu. Dukikijwe n'imisozi. Imbere yacu hari inyanja itukura”?

Ni byiza, iyo aza kwishingikiriza ku bwenge bwe, aba yaramanitse amaboko, akikubita ku birenge bya Farawo avuga ati: “Farawo, mbabarira, nakoze nabi.”

Rero, ntabwo yishingikirije ku bwenge bwe. Ah'ubwo yarasenze, maze Imana imubwira ngo ajye mbere, ni uko inyanja ibafungurira inzira, bitandukanye n'imitekerereze isanzwe. Ariko ntiyishingikirije ku bwenge bwe.

55 Byari kugenda bite iyo Yoshuwa, ubwo yajyanaga n'abandi hariya, amadini cumi, akabona kiriya gihugu Imana yabasezeranije, iyo agarukana na bo avuga ati: “Ni byo. Tumeze nk'izige mu maso yabo. Ni ibihangange. Twabanesha dute?” Nta n'inkota dufite, uretse ibyo twatoraguye. Twashobora dute kujya hariya tugafata kiriya gihugu? Namwe mushyire mu kuri, ntibishoboka. Baraturuta ubwinshi incuro mirongo itanu. Ni abasirikare b'umwuga, naho twe, turi abashumba n'abakasi b'urwondo muri Egiputa. Bite? Nta n'ingabo dufite, nta n'ikindi tugira, twashobora dute kugihindura?

Turebe, mu by'ukuri, ubwenge bwari kugaragaza ko batari kubigeraho. Umusirikare uwo ari wese, yaba we cyangwa Mose, ntiyari kwishingikiriza ku bwenge bwe. Nta bwo bigeze bishingikiriza ku bwenge bwabo. Ah'ubwo bari bazi ko Imana yavuze iti: “Nabahaye kiriya gihugu. Nimujye kugifata!”

56 We kwishingikiriza ku bwenge bwawe. Niba wishingikirije ku bwenge bwawe, mu gihe urwaye, ushobora kuba wicaye mu kagare k'abamugaye, ugiye kwicwa na kanseri, urwaye umutima, kandi umuganga avuga ko ugiye gupfa, niwishingikiriza kuri buriya bwenge, uzapfa. Ariko ntiwishingikirize kuri buriya bwenge. Ni ukuri.

Twavuga iki ku nkuta za Yeriko, bavuga ko imodoka zakoreragaho irushanwa ryo kwiruka hejuru y'izo

nkuta ngari? Imana yavuze iti: "Nimujye hariya maze muzenguruke incuro ndwi kandi muvuze impanda maze mwese hamwe, muvuze induru cyane, urukuta ruri buriduke." Rero, ibyo byari ubusazi ku bwenge bwa kamere. Yoshuwa, yari azi ubugari bw'izo nkuta, kuko yari yarubatse nyinshi nkazo muri Egiputa. Yari azi isima bashyiragamo, yari azi ugukomera kwazo, amafarashi yakoreraga amarushanwa yo kwiruka hejuru yazo, hari n'amazu yubatswe hejuru yazo. Ariko ntiyishingikirije ku bwenge bwe. Yizeye ko ibyo Imana yavuze ari ukuri, maze yumvira Ijambo Ryayo hanyuma inkuta ziragwa. Ntiyishingikirije ku bwenge bwe.

57 Byari kugenda bite ubwo yarwanaga, nk'uko nabyigishije ku cyumweru, izuba ryari rigiye kurenga, kandi umwanzi amaze gukendera; iryo joro, yari kwisuganya, maze akagarukana ingabo nyinshi, bari kumwicira abantu benshi. Byari kugenda bite iyo aza kuvuga ati: "Nkeneye umucyo w'amanywa. Nkeneye undi mucyo w'izuba. Ariko reka turebe. Imana yashyizeho iyi gahunda, izuba rirazenguruka, n'isi irazenguruka. Noneho rero, reka turebe, ndamutse mbwiye izuba ngo rihagarare… Byashoboka ko izuba riramutse rihagaze ubu, rishobora guta imbaraga za rukuruzi, nkaba nagwa"?

Ntiyishingikirije ku bwenge bwe. Ibyo yavuze byose, ni: "Zuba, hagarara; na we kwezi, guma aho uri", ni uko biramwumvira. Ntabwo yishingikirije ku bwenge bwe. Ah'ubwo yishingikirije kw'isezerano ry'Imana: "Naguhaye iki gihugu; jya kugifata."

58 Yabahaye isezerano ry'Umwuka Wera. Mushobora kumubona muri ibi biterane. Ushobora kumubona none aha.

Ntiwishingikirize kuri: "Urabizi, ndananiwe."

"Ndabikubwiye, nariye byinshi bya kumanywa."

"Sinabasha kurya ibya ninjoro."

"Sinakwemera ko Yohana ambona nkora ibintu nk'ibyo."

Yoo, Nyirimpuhwe! Urishingikiriza ku bwenge bwawe. Isezerano ni iryanyu, n'abana banyu, n'abari kuri bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu.

"Umuganga yambwiye ko nari ngiye gupfa. Yaransuzumye maze amenyesha ko nari mfite kanseri, ngo ndwaye ibi, cyangwa ikintu runaka. Ko nta kabuza ngomba gupfa." Ntukishingikirize kuri buriya bwenge. Imana ni Umwami Imana yawe, Ugukiza indwara zawe zose. Rero, ntukishingikirize kuri buriya bwenge, ku bwenge bw'umuntu uwo ari we wese. Wishingikirize ku bwenge bw'Imana.

59 Tuvuge iki kuri Samusoni, hariya mu misozi, ubwo Abafilisitiya, abantu igihumbi, bamusumiraga? Kandi yari hariya, akagabo ka ntarutege k'imisatsi y'injwiri, katari na karekare. Mu by'ukuri, ntiyari azi kurwanisha inkota, kuko atari yarigeze ahabwa imyitozo ya gisirikare. Yari ameze nk'umukobwa w'imisatsi yizingazinga, n'ibishungi birindwi bishoka mu mugongo, umuhungu utava iruhande rwa nyina, wari hariya, none dore ngo Abafilisitiya igihumbi baraza. Mu by'ukuri, nta kintu na kimwe yari afite mu ntoke. Yarebye hasi, maze abona urwasaya rw'indogobe rushaje, ararutoragura.

Nyamara, yavuze ati: «Turebe, hariya, sinakoresha ibikomeye aka kantu, kuko ibigofero bambaye… Bariya bafilisitiya, bariya basilikare bose, bafite bose amacumu. Bafite ibyangombwa bibakingira bose. Kandi ibigofero byabo kimwe cyose gipima ibiro birindwi n'igice. Ni ibigabo birebire, byiyemeje. Mu by'ukuri, ndamutse nkubise aka kasaya gashaje kimwe muri bigofero, kamenagurikamo uduce igihumbi. Nguko.»?

. Ntiyishingikirije ku bwenge bwe. Yafashe gusa icyo yari afite mu kuboko, maze atangira kugikubita Abafilisitiya. Hanyuma amaze kubicamo igihumbi, yari agifite ka kasaya mu ntoke. Amen.

60 Icyo tewolojiya y'abantu ibivugaho, byose ni kimwe, we kubyishingikirizaho. Wishingikirize ku Ijambo ry'Imana: «Yesu Kirisito uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose.» Nta gushidikanya, yarabyizeraga.

Byajyaga kugenda bite iyo Dawidi ajya gukurikiza tewolojiya ya Sawuli? Goliyati yari hariya yihimbaza, kandi abantu bose bari bagize ubwoba; Sawuli, wasumbaga ingabo zose. Goliyati yavugaga ati: «Nihagire uza turwane. Si ngombwa ko dupfa twese. Nimbica, muzadukorera, kandi nimunyica, tuzabakorera», ni uko yari ari hejuru. Ni uko Satani akunda gukora, iyo yitwaje seminari, bari hariya bose, iyo ahageze, murabona.

Iriya ntwari y'umwana Dawidi, yatemberaga hariya, n'uruhu rw'intama mu mugongo; n'umubiri w'inzobe, intugu zigwa, akagabo k'ubusabusa k'ibiro mirongo itanu cyangwa mirongo itanu na bitanu. Avuga ati: «Ntimumbwire ko ingabo z'Uwiteka Imana nzima, zihujwe n'isezerano ryo gukebwa, zizaguma aho, zirebera uwo Mufilisitiya utarakebwe guhinyuza ingabo z'Imana nzima.

61 Sawuli avuga ati: «Ngwino hano, muhungu wanjye. Ndashima ishyaka ryawe, arko igihe cy'ibitangaza

cyararangiye. Twebwe, ibyo byose,ntabyo tukigira, urabibona. Ariko hari icyo ngiye kukubwira: ni iyihe karita y'umunyamuryango ushobora kunyereka? Urabona? Nta n'ibyangombwa byo kwikingiza ufite. Nta kindi ufite usibye umuhumetso mu ntoke. Urabona? Nta mpamyabumenyi y'ikirenga ugira muri filozofiya, habe n'iyo mu mategeko. Uzabigenza ute? Turebe, uriya mugabo ni indwanyi. Turebe, afite impamyabumenyi y'ikirenga muri tewolojiya, afite indi mu mategeko, muri filozofiya, n'iki kindi. Turebe, afite impamyabumenyi nyinshi ku buryo ashobora kuzitakisha igikuta kikuzura. None wowe, uri nde? Umushumba.»

Avuga ati: «Ariko hari icyo nashakaga kukubwira. Ese urabizi? Nari ndagiye intama za Data hariya, maze haza intare itwara intama imwe. Nafashe umuhumetso, ndayirukankana, maze ndayica. Nashikuje umwana w'intama mu kanwa kayo, hanyuma ihangana nanjye. Nafashe gusa icyuma cyanjye maze ndayica. Undi munsi, haje idubu ritwara intama. Nararyishe, na ryo. Noneho, Imana… Si impamyabumenyi yanjye y'ikirenga muri filozofiya, si ubwenge bwanjye. Sinabasha kugusobanurira uko mbigenza. Sinzi uko bigenda. Ariko Imana,‟ amen, ”Imana yankuye mu nzara z'idubu, n'iz'intare, ntizabura kunkura mu nzara z'uriya Mufilisitiya utarakebwe!‟

62 Musenyeri, Sawuli, avuga ati: “Urabizi, nemera ko ufite umuhamagaro, mwana wanjye. Ngiye kukubwira, nuza hano, ndakwereka uko barwanisha inkota, urabona. Kandi ngiye kukubwira, ndi dogiteri, ambara ibyangombwa bigukingira. Ngira ngo nkwambike.” Dawidi ahagarara hariya, maze bamuha impamyabumenyi y'ikirenga muri filozofiya, iy'amategeko, n'ibindi, maze Dawidi ntiyaba anakibasha kunyeganyega. Ntiyari azi uko yabikoresha.

Avuga ati: “Ibi ntabyo menyereye. Iyi nusukote y'idini ntingusha neza. Yinkuremo. Reka njyane ibyo Imana yampaye, abe ari byo nifashisha.” Ni ukuvuga ukwizera imbaraga z'Imana. Maze ntiyishingikiriza ku bwenge bwe. Ntiyishingikirije ku byo undi yari yavuze. Yishingikirije ku kwizera. Mu by'ukuri, yari azi ko niba Imana yari yaramukuye mu nzara z'idubu, Yajyaga no kumukiza uwo Mufilisitiya!

Mu by'ukuri, niba Imana yarabakunze bihagije ngo ibakure mu cyaha kandi Ibuzuze Umwuka Wera, mufite iki, mwa banyakwizera guke mwe, mu gihugu cyose, ese ntazarushaho kubakiza umubabaro wanyu, kuko yasezeranye kubikora? Ni Ijambo ry'Imana ribivuga. Izabikora. Ntagushidikanya Yaramumukijije.

63 Yoo, buri wese mu bahanuzi, byajyaga kumera bite iyo bajya kwishingikiriza ku bwenge bwabo, igihe cyabo? Ntibaba barigeze bajya kureba abatambyi n'abatambyi bakuru, kugira ngo babite “ibisika bisize ingwa”, n'ibindi. Ntibaba barigeze bahanura babacyaha. Baba barabaye nka bamwe muri abo bahanuzi ba none, baba baremeranijwe na bo, baba barambaye imyenda myiza, kandi baba barabaye mu ngoro z'abami.

Byajyaga kumera bite iyo Yohana aba yaragerageje kwishingikiriza ku bwenge bwe? Ah'ubwo yagiyeyo adashidikanya.

Bamubwiraga bati: “Banza wumve, we, Yohana, utahirahira ngo urabwiriza ku Gushakana no Gutandukana kw'abashakanye.”

Yagiye adashidikanya kwa Herode…?… maze amubwira ati: “Ntiwemerewe kumutunga nk'umugore.” Yego muvandimwe.

Bavugaga bati: “Uriya, uzi uwo ari we? Ni umu…

-Ntacyo bimbwiye icyo ari cyo.‟ Ntiyishingikirizaga.

Bamubwiraga bati: “Ariko, urabizi, ntacyo ufite. Uri mu butayu, hariya. Idini ntiriteze kukwakira nutangira kwitwara utyo.” Idini kuri we ntacyo ryari rivuze. Ntiyishingikirizaga ku bwenge bwe, ah'ubwo yishingikirizaga ku bwenge bw'Imana. Ntagushidikanya.

64 Habayeho umuntu, wishingikirije ku bwenge bwe, akitwa Yuda Isikariyota. Sinumva ukuntu yashoboye gukora ikintu nk'iki. Yari yaragendanye na Kirisito, imbonankubone, neza na neza nk'uko Eva yari yarabigenje mu ntangiriro. Yari yarabonye gihamya, yari yararebye Imana mu maso, nk'uko Eva yari yarabikoze mu mafu ya nimugoroba. Eva yari yararebye Kirisito, mu mafu ya nimugoroba, mu ngobyi ya Edeni. Yuda na we yari yicaye, mu mafu ya nimugoroba, mu gashyamba ka Getsemani kandi yari yararebye uwo Kirisito umwe ari ahantu henshi. Yari yaramwumvise Yigisha, Yerekana icyo yari cyo, binyuze mu Ijambo, Ahamya ko Yari wa Muhanuzi Mose yari yaravuze ko yajyaga guhagurutswa. Yari yarababwiye, Ashingiye ku Byanditswe, Uwo Yari We, n'umwirondoro wose. Bari barabonye Imana yerekana neza na neza ko Yari Uriya; kandi hanyuma, yishingikiriza ku bwenge bwe.

65 Yashoboye ate gukora ikintu nka kiriya? Ni uko ari nta cyari muri we, mu ntangiriro. Ntiyari imbuto ifite ubuzima. Yari umwana wo kurimbuka, waturutse mu irimbukiro, kandi akaba ari ryo asubiyemo. Noneho, turebe. Ariko yagiye atyo, bishoboke ko hari ukuntu yari yarishushanirije ibintu akoresheje ubwenge bwe. Byashoboka ko yatekerezaga ko Yesu… Yaramwubahaga cyane: “Ndabona nshobora

kumugurisha ibiceri mirongo itatu. Bityo, nzabona amafaranga, maze ngire icyo nyakoresha. Kandi Ashoboye kubikura Ubwe wenyine.” Murabona, ntiyari azi ko, ushingiye ku Byanditswe, yari yarahagurukirijwe uriya mwanya.

N'abantu b'ubu na bo, ntibabona uko bahagaze. Iri dini rya Lawodikiya ryagenewe kiriya gihagararo, cyo gukingiranira Kirisito hanze. Naho We, Arakomanga, Arashakisha uko yagaruka imbere[Mwene Data Branham akubita incuro eshanu ku gicaniro.-Umwanditsi.], ariko ari nta bufatanye na hamwe. Ihamiriza Ijambo Ryayo, muri iki gihe, nk'uko Yagiye ibikora muri buri gihe. Maze bakabitera umugongo bidasubirwaho. Bishingikiriza ku bwenge bwabo byonyine.

66 Cyangwa byashoboka, dufate ko yatekerezaga atya: ko aramutse agurishije Kirisito ku biceri mirongo itatu, mu by'ukuri, ko yajyaga kugira ubusabane bwa kivandimwe n'amwe mu madini akomeye y'igihe cye, ariyo bafarisayo n'abasadukayo. Yashoboye kwibwira ati: “Sawa, tegereza gato, Ashobora kwirwanaho Wenyine. Nabonye aho Arwana intambara zikomeye; nzi ko Ashoboye kunesha Wenyine. Rero, igikwiye ni uko nikorerera udufaranga duke, nkibonera impamba y'amahina, nk'uko bajya babivuga. Hanyuma, byashoboka ko icyo gihe nabona amanita ku madini ya none, mbaye mubahaye.” Murabona? Yishingikirije ku bwenge bwe, aho kwishingikiriza ku bwenge bwo kumenya ko ryari Ijambo ry'Imana rihamijwe. Maze akorera Yesu neza na neza icyo Ibyanditswe byari byaravuze ko yajyaga gukora.

Kandi ubu, idini ryakingiraniye Kirisito hanze, muri ibi bihe byanyuma, kandi neza na neza, ni cyo Igitabo cy'Ibyahishuwe kivuga ko bajyaga gukora. Ni umwuka wa Yuda ugarutse, mu ishusho ry'idini: “Bafite ishusho yo kwera, ariko bagahakana Ijambo.” Murabona? Ni byo. Rero, yoo! la la! Ni uwuhe musaruro wabivuyemo? Urupfu, neza na neza nko mu bya Eva. Kandi ni na byo biba no ku bandi bose, bashaka kugoreka Ijambo ry'Imana, bakishingikiriza ku bwenge bwabo. Na n'ubu baracyagurisha, ariko noneho, atari amafaranga bakurikiye, ah'ubwo ari imyanya y'ibyubahiro, bifashishije inararibonye ryo muri seminari. Ayo mafaranga ntageze no ku biceri mirongo itatu, ariko bakanga bakarigursha, bagurisha ubumenyi bw'Imana bafite, ku kintu nk'icyo.

67 Mbega ukuntu batandukanye n'intiti, Pawulo mutagatifu, wari afite ubumenyi bwose bwari gutuma yihimbaza. Ariko avuga ati: “Nanze ibyo byose, ibitekerezo byanjye byose. Nahuye n'Inkingi y'Umuriro, ubwo nari mu nzira nerekeza i Damasiko.” Avuga ati: “Sinaje aho muri nk'umuhanga n'intyoza yo kuvuga, kuko iyo njya kubikora, mwari kwishingikiriza ku bwenge bw'abantu. Ah'ubwo naje aho muri nerekana imbaraga z'Umwuka Wera, kugira ngo mwishingikirize ku Ijambo ry'Imana.” Amen. Yavuze ati: “N'ubwo yaba ari Malayika uvuye mu Ijuru, niyigisha ibihabanye n'ibyo twababwirije, avumwe,” Abagalatiya 1:8. Ni byo. Ntabyo Yigeze akora.

Wa mugore wo ku iriba, yari indaya. Ariko, yari azi ko idini ryari ryaramuciye, kandi, ariko ntiyigeze yishingikiriza ku bwenge bwe. Ubwo, ku iriba, yahuraga n'uriya Muntu wamubwiye ibyaha yakoze byose, yagiye mu murwa yiruka. Nyamara, ntibyari bikwiye ko umugore akora atyo, kujya hariya, maze akavuga ibyo abonye byose, kuko yari indaya. Ariko amaze guhura na Yesu, ntiyigeze yishingikiriza ku bwenge bw'abantu b'igihe cye. Yagiye kuvuga ati: “Muze murebe Umuntu wambwiye ibyo nakoze. Aho ntiyaba ari Mesiya?” ntiyigeze yishingikiriza ku bwenge bwe. Habe na busa.

68 Umwari Mariya, ubwo Malayika Gaburiyeli yamugendereraga maze akamubwira ko yajyaga kubona uruhinja, atazi umugabo. Fiyu! Ntibyigeze bibaho. Ntiyishingikirije ku bwenge bwe, ko umugore adashobora kubyara atazi umugabo. Ntiyabyishingikirijeho. Ah'ubwo yavuze ati: “Ndi umuja w'Umwami Imana; bimbere nk'uko ubivuze.” Ntabwo yavuze ati: “Nzabigenza nte? Nzabikora ryari? Bizagenda bite byose?”

Malayika avuga ati: “Mwuka Wera azagutwikiriza igicucu cye; kandi Uwera uzabyara, Azitwa Umwana w'Imana.”

Avuga ati: “Ndi umuja w'Umwami Imana.” Ntiyiringiye ibitekerezo bye, ko bitashobokaga. Yavuze gusa ati: “Ndi umuja w'Umwami Imana.” Ni byo. Mwitegereze.

69 Uriya mugore wavaga amaraso, muganga yari yaramubwiye ati: “Nta byiringiro.” Yari yaramariye ubutunzi bwe mu baganga, kandi nta n'umwe wari yaragize icyo amumarira. Ntiyabyishingikirijeho. Ubwo Yesu… yiciriye mu ruvunganzoka, maze avuga ati: “nizera ninshobora gukora ku myenda y'uriya Mugabo, ndibukire.” Hanyuma arabikora.

“Tegereza gato, muganga yavuze ko 'udashobora gukira'.” Hari hashize imyaka itari mike afite icyo kibazo cyo kuva amaraso. Yahoraga acika intege, akarushaho kuremba. Abaganga bari baramuhebye. Ubumenyi bari bafite ku kibazo cye bwagarukiraga aho.

Ah'ubwo yavuze ati: “Ku bwo kwizera!” Nta murongo n'umwe w'Ibyanditswe wamubwiraga gukora ibyo. Maze avuga ati: “Iyo mba nari nshoboye gukora ku musozo w'umwenda We, nari gukira”, maze acengera mu bantu, hanyuma amukoraho. Asubira mu mwanya we aricara.

Yesu arahindukira, maze Avuga ati: “Ni nde unkozeho?” Araranganya amaso mu bantu kugeza

amubonye. Amubwira ibyo kuva amaraso kwe. Maze yumva, ako kanya, mu mubiri we, ntiyashoboye guhita abihamya, ariko yumvise mu mubiri we ko kuva amaraso byari byahagaze. Ntabwo yatekereje na busa, ati: "Niba muganga yarampebye, byashoboka bite ko mbona ubufasha buturutse ahandi?" ntiyigeze yiringira ibitekerezo, ah'ubwo yiringiye ukwizera.

1

70 Nyamara, Bibiliya itubwira ko "Ari Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho n'intege nke zacu". Si byo? [Iteraniro riti: "Amen."-Umwanditsi.] ntimukiringire ibitekerezo… Yavuze ati: "Ni cyo Ari cyo ubu. Muri aka kanya, ni Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho n'intege nke zacu. Aracyari uko Yahoze, kandi Ntateze guhinduka."

Muratekereza, ubwo nari ndi hariya, umubwirizabutumwa w'umubatisite, maze Malayika w'Umwami Imana akansura hariya, hanyuma Akantuma kujya gukora ibyo ndiho nkora ubu? Ariko, umushumba wanjye yavuze ati: "Wataye umutwe. Turebe, wagize inzozi mbi, wa…"

Mvuga nti: "Mungiriye neza guhita munyambura ikarita y'ubunyamuryango."

Avuga ati: "Ni gute wowe, utanarangije amashuli yawe abanza, ugiye kubwiriza mu isi yose? Ni gute uzasengera abami n'ibikomerezwa, mu gihe utazi no gukoresha ikibonezamvugo cyiza?"

Siniringiraga ikibonezamvugo cyanjye. Siniringiraga ubushobozi bwajye na buke. Nari narakiriye ubutumwa. Haleluya! Siniringiye ibitekerezo. Iyo nza gutega ibitekerezo amatwi, byashoboka ko ibihumbi by'abantu baba barapfuye, mu myaka myinshi ishize. Ah'ubwo natwaye Ubutumwa, neza na neza nk'uko yari yarabivuze, ku isi yose.

71 Kandi, ku bw'ubuntu bw'Imana, nongeye kugenda; ntishingikirije ku bitekerezo, ah'ubwo nishingikirije ku butumwa. Haleluya! Sinishingikirije… Muvuga muti: "Ufite imyaka mirongo itanu n'itanu." N'iyo nagira mirongo cyenda n'itanu, ntaho bihuriye. Iracyari ya Mana imwe uko Yari iri hamwe na Aburahamu. Yego muvandimwe. Mwe kwishingikiriza ku bumenyi bw'ibintu bwanyu.

Kandi, nyuma y'uko ikimenyetso gikomeje gukataza, Ijwi na Ryo rigakurikiraho, amadini yatangiye kunyanga no kumpeza, kubera Amahame, mu gihe ari nta n'umwe wo muri bo watinyuka kumpngara ngo ambwire ko ndi mu Kuri cyangwa ndi mu kinyoma. Mpinyuje uwo ari we wese wo muri bo. Yego. Si ukwigira shyashya, ah'ubwo nzi aho mpagaze. Ni ukuri. Bakoze iki? bakinze imiryango yose. "Mugiye kuzakora iki?"

72 Kiriya gihe, nari hariya, ku musozi. Navugaga nti: "Mwami, mfite umuryango umwe gusa unkinguriye mu gihugu cyose, uko mbizi, ni Phoenix, muri Arizona. Ni wo wonyine mfite."

Nk'uko namanukaga umusozi, mu Ijwi ryumvikana neza uko ntigeze numva umuntu avuga, Yambwiye ati: "Bigutwaye iki? Wowe, Nkurikira."

Si ku bwenge bwanjye. Nzishingikiriza kw'isezerano Ryayo!

Yoo, Ncuti yanjye, mwe kwishingikiriza ku bitekerezo. Musakuze nka Eddie Perronet, kera:

Bose bakomere amashyi Izina ryaYesu!

Abamalayika bamupfukamire;

Nimuzane ikamba,

Maze mumwimike Abe Umwami wa bose;

Nimumwimike Abe Umwami wa bose.

Ni ukuri. Mwe kwishingikiriza ku byo mwe, mutekereza, ku byo undi wese atekereza. Mu kwizera, mwemere isezerano ry'Imana. Murashaka kubikora? Noneho, si ukumenya niba hari undi wabikoze cyangwa cyangwa utarabikoze, ah'ubwo ibyanyu ni ibiki? Mwebwe, muzagira mute uyu Yesu bita Kirisito, Wimenyekanisha ubu, nk'uko Yabikoze kiriya gihe? Muramwizera? [Iteraniro: "Amen."-Umwanditsi.] Dusenge.

73 Mwami Yesu, Mwami w'abami, Mutware utwara abatware, Mana y'ibyitwa imana, Mana y'ibikomerezwa byose, Uwa mbere, Uwa nyuma, Alufa, Omega, Itangiriro n'Iherezo, Inyenyeri Irabagirana yo mu Ruturuturu, Iroza rya Sharoni, Umwangange wo mu Kibaya, Igishyitsi cya Dawidi n'Umwuzukuruza we, ngwino Mwami Mana, Ukiri uko Wahoze kandi Ukaba Udateze kuzahinduka!

Ha umugisha iri teraniro ry'abantu, Mwami, rizatangira ejo. Twagize amateraniro make hano, kandi Wayaduhereyemo umugisha. Waratwimenyesheje. Ngusabye gukomeza kutwimenyesha. Duhe umugisha, uyu mugoroba. Dufashe noneho. Turi abantu bafite icyo bakeneye.

Kandi, Mwami, Uzi ko ntakunda gutonganya abantu, ariko umuntu yacecekesha ate iki kintu cyejejwe kigurumanira imbere muri njye? Sinkunda kubikora, Mwami. Uzi ubuzima bwanjye, umutima wanjye. Ngomba kubikora. Kandi, ngusabye, yoo, Mana, kunshoboza kubikora. Ngirira Ubuntu gusa, kandi sinzigere nishingikiriza ku bwenge bwanjye. Ah'ubwo nzishingikirize kw'isezerano Ryawe. Mu Izina rya Yesu. Amen.

74 Nashakaga ko mwese muba mutuje umwanya muto. Muri iri teraniro ry'abantu riri hano, ntakabuza ko hari abagabo n'abagore barwaye. Ni bangahe barwaye kandi bababaye, nimuzamure ibiganza, muvuge gusa muti: "Nkeneye Imana."? Muzamure ibiganza, hariya, muti: "Nkeneye Imana."

Nta bantu benshi nzi. Nzi aba bahungu batatu bicaye hano. Nzi Bwana Dauch n'umufasha we, bicaye hariya. Nkeka ko ari Mushiki wacu Moore uri hano. Simbihamya. Ni ibyo, Mushiki wacu Moore? Uretse abo, nkeka ko ari nta bandi. Mwene Data Mike, n'igicaniro. Abo, ni abo nzi, nshingiye ku byo mbona, abo nzi bose.

Data uri mu Ijuru, wasezeranye, ko muri iki gihe, Yajyaga guhamyaicyo Ari cyo, muri iki gisekuru, neza na neza nk'uko Yabikoreye i Sodomu. Ese Yarabisezeranye? [Iteraniro riti: "Amen."-Umwanditsi.] Ko Yajyaga kwigaragaza! Murabyizera? ["Amen."]

75 Noneho, niba ushaka gusenga, binyuze mu kwizera! Ntujye mu byo gutekereza, uti: "Namukoraho nte nk'Umutambyi Mukuru?"

Nyamara, Bibiliya, mu Isezerano Rishya, ivuga iti: "Muri aka kanya, ni Umutambyi Mukuru wo mu rwego rwa Melikisedeki. Ni Umutambyi Mukuru w'ibihe byose. Ntawundi Mutambyi Mukuru uriho uretse We. Ntawundi Muhuza uri hagati y'Imana n'abantu, utari Kirisito Umuntu." Ni ukuri. Ni We wenyine rukumbi, kandi uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose.

Niba Akiri wa Mutambyi Mukuru umwe, kandi Bibiliya ikaba ivuga ko "dushobora kumukoraho binyuze mu ntege nke zacu," rero, nka wa mugore wari yakoze ku mwenda We, ukwizera kwawe gushobora kumukoraho muri uyu mugoroba, kandi Azakora mu buryo bumwe, mu mubiri wa kimuntu, nk'uko Yabikoze ubwo Yari mu mubiri wa kimuntu, hariya, munsi y'igiti cy'umwela cy' Aburahamu. Murabyizera? [Iteraniro riti: "Amen."-Umwanditsi.] Yasezeranye ko Yajyaga kubikora. Noneho, musenge, byonyine, abafite icyo bakeneye bose.

76 Ni nk'uko nabivugaga, impano, si ikintu nko gufata icyuma, kandi niba ushaka kugikoresha ngo ukate iki, ushobora kugikata, cyangwa ngo ukate iki, ushobora kugikata, cyangwa icyo ushaka gukora. Iyo si yo mpano y'Imana. Murabona? Habe na busa.

Impano y'Imana, ni uburyo ufite bwo kubererekera Imana. Kandi impano n'imihamagaro bituruka mu gutoranywa n'Imana. "Impano n'imihamagaro nta n'ubwo bigombera kwihana." Urabivukana. Ni agakoresho kongera umuvuduko, ariko rero, si wowe washobora kugakoresha. Urabona? Ni Imana igomba kugakoresha. Ugomba kubererekera Imana.

Ukwizera kwawe ni ko gushobora kugakoresha, si ukwanjye; ukwanjye. Ukwanjye, ni ukuva mu nzira, gusa. Izere n'umutima wawe wose ko Yesu Kirisito ariho ubu.

77 We kwishingikiriza ku bwenge bwawe. Uvuga uti: "Mu by'ukuri, reba, ibyanjye birakomeye cyane, mwene Data. Ntunzi. Nabaye mu kagare k'abamugaye… Nabaye…"

Icyo wabaye cyo, ntacyo kimbwiye. Reba niba Imana itari bumanuke ngo Ikore neza na neza icyo Yakoze ubwo Yari hano ku isi mu mubiri wa kimuntu. Izabikora mu mubiri wawe, mu mubiri wanjye, tuba ikintu kimwe iyo tuyizeye. Izabikora, kuko Yasezeranye kubikora.

Nyamara, we kwishingikiriza ku cyo runaka yavuze ati: "Yoo, ibyo, ni ibicuro", ni uko babyita. Na Yesu ni byo bamuvuzeho. Bamwise umutekamutwe, "dayimoni". Ariko Yari Umwana w'Imana, kuko Yari ahuye n'Ijambo ryasezeranywe n'Imana.

78 Noneho, nk'uko nabivugaga, umwanya dufite... ntiduhaswe kugira ibi, gushobora kuza kurambika ibiganza ku bantu. Twabarambitseho ibiganza ejo nimugoroba. Ariko ikintu kimwe rukumbi ugomba kugira, ni ukwizera, hanyuma ugashima. Mu kwizera, urabyakira... Si ukunyura mu byo ari byo byose…

We kuvuga uti: "Mu by'ukuri, ibyo byashoboka bite?" Iiyo aba nashoboraga kubabwira uko bikorwa, rero, ntibyaba bikiri ukwizera. Sinzi uko bikorwa. Simbizi, ariko ndabyizera. Sinzi uko Imana igenza ngo Ikize umunyabyaha, ariko Irabikora. Ssinzi uko Imana ikora biriya bintu byose, ariko ndabyemera. Irabikora, kandi ni uko. Mu by'ukuri, sinshobora kubisobanura. Noneho… ntibiteze gusobanuka. Nta muntu ushobora kubisobanura. Kuko niba ubisobanuye, ntibiba bikiri ukwizera.

Sinshobora gusobanukirwa ko Imana na Kirisito bashobora kuba Umuntu umwe rukumbi, ariko ni cyo Bari cyo. Ibyanditswe birabivuga. Mu by'ukuri, ntiwashobora kubisobanura. "Data ari muri Njye. Ntabwo ari Njye ukora imirimo, ni Data uri muri Njye. Niba ntakora imirimo Ye, rero, birerekana ko ntari Uwe. Ariko

niba nkora imirimo Ye, rero, ni We ubwe uhamya ko Ndi Uwe.”

Mu by'ukuri, ni cyo kimwe ubu, neza na neza kimwe. Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose, niba witeguye kubyizera.

79 Ubu, hari umuntu wicaye neza imbere yanjye, afite imisatsi igajutse. Yambaye isaha ku kuboko, ikositimu yijimye. Yambaye indorerwamo. Nimureba hano, muramubona yicaye, ahumirije, asenga. Simuzi.data wo mu Ijuru azi ko ntamuzi. Ariko ngiye kumwitaho akanya gato, kuko agaragara nk'umunyakuri mu by'ukuri, aho yicaye hariya. Kuva aho mbivugiyeho, uriya mugabo yahumirije gusa maze atangira gusenga. Uriya mugabo nta na hamwe muzi, murabona ibiganza byanjye. Ntawe nzi. Imana izi uyu mugabo, kandi ishobora kumpishurira,- niba iri sezerano ryo muri Bibiliya ari ukuri, - Ishobora kumpishurira impamvu uyu mugabo ahumirije, n'impamvu asenga. Murabyizera? [Iteraniro riti: “Amen,”-Umwanditsi.]

. Urabyizera, muvandimwe? Niba ushaka kurambura amaso, wowe, wicaye hano, reba hano. Urabyizera? Ni byiza cyane. Noneho, uzi ko ntakuzi. Ntituziranye wowe nanjye. Ariko Imana irakuzi. Atangira kurira, asuka amarira. Mu by'ukuri, nshobora kumubwira aka kanya ko Imana igiye gusubiza isengesho rye, murabona, kuko ari cyo kimaze kumukoraho, uyu Mucyo; bivuye mu mwijima bijya mu Mucyo. Murabona?

80 Nyamara, uyu mugabo, ni undi ariho asengera, ni aka kana k'agahungu kicaye aha, iruhande rwe. Ni umuhungu we. Ni byo. Ubu, wa mwana w'umuhungu, afite ibibazo by'igifu, kandi afite n'ibindi mu bura. Ni byo. Ni byo.

Nturi uw'ino. Nturi uwo muri Arizona. Uri uwo muri California. Ni byo. Kandi uri umushumba, ubarizwa mu Materaniro y'Imana. Ni ukuri. Uri umushumba McKeig, cyangwa, umushumba Keig, ni byo. Byaba ari ukuri ? byerekanishe ikimenyetso cy'ibiganza, utya. Noneho umuhungu arakira. Kwizera kwawe!

Noneho ni ibiki? Sawa, uriya mugabo ari hariya, ibiganza bizamuye, ntabwo anzi, kandi nanjye simuzi. Ariko ni iki cyabaye? Yakoze ku Mutambyi Mukuru. Nyamara, murabona, murabona, ntiyashoboye kwishingikiriza ku bwenge bwe. Noneho, icyo agoma gukora, ni iki ashigaje gukora, hariya? Agomba kwizera ko icyo yabwiwe ari ukuri, kuko azi ko atanzi. Ni byo.

81 Mwe kurambirwa, hari umugore wicaye imbere yanjye, na we, ahangatse umutwe. Arwaye kanseri. Na we, aturutse muri California. Niringiye ko Atari buce iruhande. Madamazela Adams, ni uko witwa. Sindakamubona mu buzima bwanjye. Yego, uko ni ukuri.

Hari umugore wicaye inyuma, hano. Sinshobora kumutunga urutoke, ariko ndabona Umucyo hejuru ye. Afite ibibazo bimukomereye. Kimwe cyo, arababara ijosi. Ikindi, afite ibibazo byo mu buryo bw'umwuka, ntatuje, bimuteye amaganya. Kandi afite ikibazo cy'umuryango; umukobwa we yarabatorotse vuba aha. Ni byo. Ni ukuri, si byo? Yazamuye ikiganza. Madamu Miller, ni byo. Urizera? Imana izamukugarurira, izakiza umubiri wawe. Noneho, sinigeze mubona mu buzima bwanjye. Simuzi, habe na busa.

Hari umugore wicaye hano, mu iteraniro. Si uw'ino; na we, ni uw'i California. Arwaye kanseri, kandi ni kanseri y'ibere. Yabazwe ibere, maze kanseri yimukira mu rindi bere. Ni byo. Madamu Kalin, ni byo. Wizera ko Imana igiye kugukiza? Urabyizera. Ntunzi, madamu, kandi nanjye, sinkuzi. Ni ukuri. Murabona? We, ni kanseri.

Kugira ngo mumenye ko Imana iri hano!

82 Hari umugore wicaye neza iruhande rwe. Izina rye ni madamu Harris. Simuzi habe na busa. Ariko ubwo Mwuka yakoraga kuri uyu mugore, na we, yamugiriye impuhwe, kandi na we aturuka i California. Ni byo. Kandi ababara urutugu. Ni byo. Wizera ko Imana igiye kugukiza? Niba ari byo, zamura ikiganza, abantu babibone; simuzi habe na busa.

We kwishingikiriza ku bwenge bwawe. Ni iki cyashobora kubikora? Ntawe wabisobanura. Birenze imisobanurire. Baza abo bantu; sinigeze mbabona mu buzima bwanjye, ntacyo nabamenyeho habe na busa. Byagashoboye gukomeza bityo, mu iteraniro ryose.

Ariko, noneho, reba, we kwishingikiriza ku bwenge bwawe, ah'ubwo wishingikirize ku cyo Yasezeranye, ko Yajyaga gukora. Uwo si wa Mwuka umwe watuye mu mubiri wa kimuntu, wari Azi ko Sara yari yasekeye mu ihema, inyuma y'uwo Mugabo. Si ukuri? Kandi Yasezeranye, gato mbere y'uko isi irimburwa n'umuriro, ko icyo gihe Umwana w'umuntu yajyaga kongera kwihishura mu buryo bumwe, ko Umwana w'umuntu (wa gihanuzi) Yajyaga kwihishura mu mubiri wa kimuntu, nk'uko Ariho abikorera hano muri uyu mugoroba, mu buryo bumwe n'ubwo Yabikoreyemo kiriya gihe. None turi mu kihe gihe? Twegereye cyane irimbuka.

83 Ncuti yanjye, witinda mu bunyabyaha, muri iki cyumba. Akira Yesu Kirisito, ukiri mu Bwiza Bwe. Sawa,

ndazi, igikunze gukorwa n'ababwirizabutumwa, ni umuco, baringinga kandi bakabara inkuru, bakavuga ba nyina bapfuye, bakaba barageze muri paradizo. Ibyo ntabwo ari bibi. Ariko ntabwo tuzanwa na ba mama bapfuye. Na mama, yarapfuye; na data ni uko. Ah'ubwo tuza dufite ubwenge, tukamwakira dushingiye kuri iki ko Imana yigaragarije muri Yesu Kirisito kugira ngo arimbure icyaha cy'abari mw'isi. Turaza maze tukizera Impongano. Noneho ubwo Yahamije Ijambo Ryayo.

Idini waba uteraniramo ryose, kuri njye byose ni kimwe, ryaba iry'abametodisite, iry'ababatisite, gatolika, peresibiteriyani, cyangwa utagira aho abarizwa na busa. Niba witeguriye guhamya ko wasobanukiwe binyuranye, ukaba utari wavuka bundi bushya, ariko ukaba ubishaka, kandi ukaba ushaka kumwakira none aha, isezerano, none aha. Ushobora kudahita wuzuzwa ako kanya, ariko uzuzuzwa uko… uko uzagenda witabira amateraniro akurikiyeho. Niba ushaka kumwakira ari icyo ushingiyeho, wakwemera guhaguruka nkagusengera, uhagaze mu mwanya urimo? Abari hano bose bazi,

84 We kwiyishingikirizaho wowe ubwawe...

Yooi, uvuga uti: "Navuze mu ndimi." Ibyo, ntaho bihuriye. Nanjye, nemera kuvuga mu ndimi. Ariko nabonye abarozi, amadayimoni n'ibindi, bavuga mu ndimi bakanazisobanura. Ni ukuri. Baza abogezabutumwa b'amahanga bari hano, dushobora gutata, Mwene Data Creech, uzi ko ari ukuri.

Nabonye abavuga mu ndimi, bakananywera amaraso mu gihanga cy'umuntu, bakambaza Satani. Ntagushidikanya. Nabonye barambika ikaramu y'igiti hasi, maze iriyegura itangira kwandika indimi zitazwi; kandi umurozi yari ari aho, hanyuma arazisobanura.

Rero, kuvuga mu ndimi, si ikimenyetso ko ufite Mwuka Wera. Niba ibi, niba uvuga mu ndimi, maze ugahakana iri Jambo, hari ikitagenda muri wowe. Ni ukuri, yego, ni ukuri. We kwishingikiriza ku bwenge bwawe.

Hari uwo uzabwira uti: "Mu by'ukuri, narashakuje." Nanjye, ndasakuza. Ariko we kubyishingikirizaho.

Nabonye uburyo bwose bw'imbaraga za Satani zisakuza, zikanahuma. Nabonye abayisilamu basakuza, kandi bahuma, bari bashyushye ku buryo bashoboraga no kwipfumuza impindu ibiganza. Mu Buhinde, nabonye basakuza, basimbuka mu kirere, bafata ibintu biremereye, byuzuye amazi, binagana ku ndobani, maze za ndobani bakazikwikira mu mibiri yabo, hanyuma bakagendera hejuru y'amakara yaka, ni ukuri, kandi bahakana Yesu Kirisito.

85 Urabona, we kwishingikiriza ku bwenge bwawe, ah'ubwo wishingikirize ku Ijambo ry'Imana. Niba ubuzima bwawe budahamanya n'iyi Bibiliya, kugira ngo wizere Ijambo ryose riyirimo, ariko ukaba ushaka kuryizera, ariko ukaba ushaka ko Imana ikorera ubushake bwayo muri wowe, kuko ushobora kuba igice cy'Imana, waba ushaka guhaguruka, ukavuga uti: "Ngiye kumwakira aka kanya, mwene Data." Urakoze. Urakoze. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Biratangaje. Imana iguhe umugisha. Imana ibikwemerere, wowe, abo bantu bose b'abanyakuri. Muvuga… Mukomeze gusa-gusa guhaguruka, gusa…

Uvuga uti: "Mfite idini mbarizwamo, Mwene Data Branham, ariko mu by'ukuri, ndi umupantekote, ariko mu by'ukuri, ariko ku byo kuvuga, mu by'ukuri, ko nshobora kwizera ko Ijambo ryose ari Ukuri, sinashobora kubikora gusa, ariko nda-ndashaka kubikora. Mfasha, nsengera. Ndashaka guhaguruka maze mvuge nti: 'Nda-nda…'" Uvuga uti: "Mu by'ukuri, mutege amatwi, nicaye hano, cyangwa natanze ubuhamya muri uru rusengero, ko nari mpari." Ariko uzi neza mu mutima wawe ko utari uhari. Imana na Yo, Izi neza ko utari uhari. Urabona, rero, kuki utahaguruka? We kwishingikiriza ku bwenge bwawe, ah'ubwo wishingikirize ku Ijambo Ryayo.

86 Waba ushaka guhaguruka, abandi bantu? Hari undi waba ashaka guhaguruka? Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umgisha, nawe. "Yoo Mana, mfasha." Imana ibahe umugisha mwese. Ni byiza. Mukomeze guhaguruka byonyine.

Uvuga uti: "Ese hari icyo bizangezaho?" Haguruka wameshe kamwe, uzamenya niba hari icyo bizakugezaho. Ba umunyakuri, mu by'ukuri, uvuge uti: "Ndashaka, Mwene Data Branham, ndashaka gukiranuka. Ndashaka gukiranuka."

Simvuze ngo uve mu idini ryawe. Oya muvandimwe. Gumayo, aho ubarizwa, ariko ube umuntu wuzuye Umwuka Wera by'ukuri muri urwo rusengero, byonyine. Uvuga uti: "Mu by'ukuri, sinzi icyo umushumba wanjye azabivugaho." Azagushima niba ari umuntu w'Imana. Ni ukuri.

"Umucyo urabagirane imbere y'abantu ku buryo babona imirimo yawe myiza, maze bagahimbaza Se."

Imana iguhe umugisha. Mu by'ukuri, Imana ibahe umugisha mwembi, nawe; nawe, mwene Data, wowe. Imana iguhe umugisha, buri wese. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha.

87 Noneho, mwebwe mwahagurutse, niba mumerewe neza, nyuma y'aho muhagurukiye, muzamure rero ikiganza kugira ngo mumenyeshe abandi ko mumerewe neza nyuma yo guhaguruka. Murabona, ibiganza

byose. Murabona? Ntagushidikanya ko muguwe neza. Murabona, muri abanyakuri. Muhagurukijwe no kuvuga muti: "Ngiye gutanga ubuhamya."

"Uzampamya hano, Nzamuhamya hariya. Uzagira isoni zo kumpamya hano, imbere y'aba bantu, Nzavuga ko Ntigeze kumumenya imbere ya Data n'Abamalayika bera." Ntugaterwe isoni no kumuhamya. We kwishingikiriza ku bitekerezo byawe bwite. Wishingikirize kw'Ijambo ry'Imana. "Uzampamya imbere ya rubanda, Nzamuhamya imbere ya Data n'Abamalayika bera."

Haba hari abandi, gato mbere y'uko dusenga? Rero, twubike imitwe. Imana iguhe umugisha, nawe, mwene Data. Rwose. Ese haba hari undi, hariya, mu gihe tucyubitse imitwe? Imana iguhe umugisha, nawe. Sawa, ni ibyo, haracyari abandi muri mwe bahaguruka. Tugiye gusa gutegereza akanya gatoimana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha. Uvuga uti: "Ese hari icyo bimaze kuvuga uti: 'Imana iguhe umugisha'?" Ni uko nkwaturiraho umugisha. Imana iguhe umugisha.

88 Bamwe muri mwe bahagaze iruhande rw'urukuta, mwabuze aho mwicara, mwashobora kuzamura ikiganza, nko kuvuga muti: "Jyewe, yoo, Mana, ni jye bireba"? Imana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha, nawe; nawe, mushiki wanjye; nawe, mwene Data; nawe, mushiki wanjye.

Yoo, Mwuka Wera aragendana ubwitonzi bwinshi kw'iteraniro. Mwaba mubasha kumwumva? Imana iguhe umugisha, musore, hano ku gicaniro. Imana iguhe umugisha, mu Nguni, hariya. Imana iguhe umugisha, musore. Rwose.

Yoo Mwuka Wera, ongera ukorere mu mitima yacunone aha. Twereke amakosa yacu, Mwami. Ntituzishingikiriza ku bwenge bwacu bwite, habe no ku bitekerezo byacu bwite. Ah'ubwo twishingikirije kuri Wowe. Kuko tuzi ko dukomeye kw'isezerano rya kimana Ryawe rihamirijwe, ry'iki gihe. Warimenyekanishije hejuru y'ibintu byose, hejuru y'igitekerezo cyose. Ntitwashobora gutekereza habe no gusobanura icyo kintu. Ah'ubwo Waramanutse hano, hagati muri twe, ubu, maze Utwereka ko Uri hano. Kandi abagabo n'abagore, barabyizera kandi barabyakira.

Yoo Mana, twara buri wese mu gituza Cyawe, maze Ubahishe mu Gitare cy'Ibisekuru, kugeza ubwo imiriro izaba ivuye mu nzira. Tugiye gushya vuba aha, Mwami. Turabizi. Twasubiye mu bihe nk'ibya Sodomu. "Ariko umukiranutsi ntazarimbukana n'umunyabyaha." Uzahamagara abana Bawe, Mwami. Wabwiye Loti uti: "Have. Sohoka." Nsabye, yoo Mana, ko umuntu wese uri muri iyo mibereho muri uyu mugoroba, uri hariya, atazi neza ibihe tugezemo…

Yoo Mana, ntibakwigerezaho bamanuka agahanda kagenewe abazamuka gusa. Ntibakwigerezaho batesha agaciro ikimenyetso cy'umutuku, gitegeka abantu bose guhagarara, niba bafite mu bwenge hazima, kuko baba biyahuye. Rero, ni gute abantu bashobora kwigerezaho mu gihe bireba iherezo ryabo ry'Iteka ryose, bishimira kwigerezaho kandi mu by'ukuri batabyemerewe, bitwaje ko babarizwa mu idini runaka? Kandi mu by'ukuri ntibashobora gusobanukirwa ko Ijambo ry'Imana rikiri uko ryahoze kiriya gihe, ko ariya masezerano ashobora gusohora. "Igihe cy'intumwa cyararangiye." Batabare, Data. Mbakweguriye mu Izina rya Yesu Kirisito. Amen.

89 Urakoze, mwene Data, mushiki wanjye. Nejejwe no kukwita mwene Data, mushiki wanjye. Mwibuke, Imana izambaza ijambo ryose ku Munsi w'Amateka. Icyo nabwirije cyose uyu mugoroba, ngomba kuzakibazwa. Ndabizi neza. Nakoze iki uhereye mu buto bwanjye, atari ukubwiriza iyi Nkuru Nziza, hanyuma nkaba ntakwemerwa?

Noneho, ni bangahe muri mwe barwaye kandi bababaye uyu mugoroba, kandi bashaka ko tubasengera? Nimuzamure ibiganza. Noneho, mwaba mushaka kongera kugira icyo munkorera? Murambikaneho ibiganza. Noneho, mwubike imitwe, neza na neza nk'iyo muri mu rusengero; hano ku gicaniro.

Mana Mukundwa, mu Izina rya Yesu Kirisito, n'Ubwiza Bwe buri hano, Kuhaba k'Ubwiza Bwe guhamirijwe. Ijambo ryabwirijwe, ni na Ryo ryahamirijwe, ko uko Wari uri ejo, ari ko Ukiri, kandi akaba ari ko Uzahora iteka ryose. Mwuka Wera w'Imana yigabize iri teraniro ry'abantu none aha. Abenshi muri bo, baje kukwakira nk'Umucunguzi wabo, abasubiye inyuma benshi bakwakiriye kandi bagarutse. Yoo Mana, ngusabye, mu Izina rya Yesu Kirisito, gukiza buri muntu. Wavuze uti: "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera: Nibarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira." Warabisezeranye, Mwami, kandi abana bizera barambikanyeho ibiganza. Satani we, waratsinzwe. Sohoka muri aba bantu, mu Izina rya Yesu Kirisito. Reka aba bantu bagende, mu nyungu y'Ubwami bw'Imana, mu Izina rya Yesu. Amen.

90 Muri mwe, abizera ko Yesu Kirisito ari We ubakiza indwara ubu, Akanababera Umukiza, kandi mukaba mushaka kumwakira ari ntakindi mushingiyeho, muhaguruke, maze muvuge muti: "Nakiriye none aha Yesu Kirisito nk'unkiza indwara, kandi Akambera Umukiza." Igitangaza! Imana ishimwe! Urakoze, Mwami! Noneho tuzamure ibiganza hanyuma tumuririmbire.

Nzamuhimbaza, nzamuhimbaza,

Nzahimbaza Umwana w'intama watambiwe abanyabyaha;

Mumuhe icyubahiro, mwebwe moko yose,

Kuko Amaraso Ye yahanaguye ibizinga byose.

Yoo, muguwe neza, si byo? Mubigaragarishe ikiganza. Yo! La la! Tuyisubiremo.

Nzamuhimbaza, nzamuhimbaza,

Nzahimbaza Umwana w'intama watambiwe abanyabyaha;

(Mwibuke, uwo Mwana w'intama,

"uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri,

kandi ni ko Azahora iteka ryose".)

Mumuhe icyubahiro, mwebwe moko yose,

Kuko Amaraso Ye yahanaguye ibizinga byose.

91 Murabikunda? [Iteraniro ririyamirira riti: "Haleluya!"-Umwanditsi.] Amen. Turambure ukuboko ngo tugire uwo dukora mu ntoke. Duhagaritse amateraniro, tukaba dutangije igiterane. Muvuge muti: "Imana iguhe umugisha, mwene Data, mugenzi. Imana iguhe umugisha." Birahebuje. Ni byiza. Biratangaje! Noneho murizera ko tugiye kugira igitera gikomeye, nyuma y'ibi? ["Amen."] Dushimiye Imana ku bw'amateraniro akomeye twagize, none tukaba tugiye kugira igiterane gikomeye. Ababyizera bose bavuge bati: "Amen." ["Amen."]

Ukwizera kwanjye gutumbiriye Wowe,

Wowe, Mwana w'intama (Tumutumbire ubu.)

w'i Nyabihanga,

Yoo Mukiza wa Kimana;

Umva isengesho ryanjye,

Hanagura icyaha cyanjye,

Mbe Uwawe wese

Uhereye none.

Kandi muri uru ruzimiriro,

Ngoswe n'amakuba,

Yoo, mbera Umuyobozi!

Maraho uyu mwijima,

Ngwino Uhanagure amarira yanjye,

Mbe Uwawe wese

Uhereye none.

Amen! Iteraniro rivuga riti:"Amen." Haleluya!

————————————————-

Yoo, nimumuhimbaze,

Muhimbaze Umwana w'intama watambiwe abanyabyaha;

Mumuhe icyubahiro, mwebwe moko yose,

Kuko Amaraso Ye yahanaguye ibizinga byose.

Mbega ukuntu bitangaje!

92 Ni byiza, noneho twashobora kubika imitwe ngo duhabwe umugisha. Sinzi uwabitoranijwe. Mwene Data Johnny Manadal, wo muri California, mu gihe tucyubitse imitwe. Noneho, ntimuzibagirwe, ejo nimugoroba, rizaba ari ifungura ry'igiterane. Ejo nimugoroba, igiterane kizabera hano, hano muri iki

cyumba, saa moya n'igice.

Imana ibahe umugisha. Mwabashije kumva Ubwiza bw'Imana? [Iteraniro riti: “Amen.”-Umwanditsi.] Amen. Noneho twubike imitwe, mu gihe Mwene Data Johnny ahumuza amateraniro.

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7